INYIGISHO YA BURI MUNSI

IGICE CYA 1

Mut-Gash-Wer

2024

# InkuruNziza

## BURI MUNSI

**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

IYI NYIGISHO YAMAZE KWISHYURWA N'ABAFATANYABIKORWA KUGIRA NGO ISAKAZWE KU BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure **(Imigani 25:25)**

Uebert & BeBe
ANGEL



## UEBERT & BEBE ANGEL

Hamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki y'Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, n'ibindi. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'Isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.



**Ibyahishuwe 1:8**
**"Ndi Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo", ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, ari yo ishobora byose.**

Abantu benshi iyo bumvise aya magambo yavuzwe hejuru, amagambo akunda gukoreshwa cyane mu bakirisito, batekereza ko Imana ari itangiriro n'iherezo. Iyo ni imyumvire rusange y'ibyanditswe, kandi hari ikindi kimbitse gishamitse kuri aya magambo yavuzwe hejuru. Muri aka kanya ushobora kuba wibaza uti "Ni iki uyu mukozi w'Imana ashaka kuvuga?" Gumana nanjye ndagusobanurira.

Alfa na omega bisobanura "Utangirira mu iherezo mbere y'itangiriro." Bibiliya ivuga ko Kristo yabambwe mbere yo kuremwa kw'isi, bisobanuye ko iherezo ryatangiye mbere y'uko anabyarwa na Mariya. Imana yarangije ibintu byose byawe, wahawe umugisha w'ibifatika ndetse niby'umwuka.

Miliyoni y'amadolari ushaka wamaze kuyihabwa, amagara yawe ni ahahise mu maso y'Imana. Subizwa ibyawe watura unategeka. Imana yaguhaye ibyuzuye, ntanakimwe ubura mu izina rya Yesu. Uzabaho ubuzima butembamo amata n'ubuki gusa uyu mwaka mu Izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nahawe imigisha yose y'umwuka, ubuzima bwanjye buruzuye. Ntakintu cyiza nzakena cyangwa icyo aricyo cyose kijyanye n'ubuzima mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**
Yesaya 46:10

**Ese witeguye Umukoro w'iminsi 365 yo gusoma Bibiliya?**
**UMUKORO YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi : Itangiriro 1-3



**Ibyakozwe n'intumwa 9:3**
**"Akigenda yenda gusohora i Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota,"**

Ubuzima ni ingaruka z'imihuro, umuhuro w'umwuka waba uw'ubumana cg iuwadayimoni. Imihuro y;umwuka iza mu ishusho y'Imana irimo kukuvugisha, guhura n'umuntu, cyangwa kubonekerwa uko ariko kose. Apotre Pawulo yagize umuhuro we arimo kujya i Damasiko. Yagoswe n'umucyo udasanzwe, waje kumuviramo nyuma kuba apotre ukomeye w'ibihe byose kugeza naho Petero yacanganyikishwaga na bumwe mu butumwa bwe. Ubutumwa bugufi bwa Pawulo bwafatwaga nk'ibyanditse kubera umuhuro yagize.

Uko usoma iyi nkuru y'uyu munsi, bishobora kukubera umuhuro wawe wo guhindura ibihe n'amateka y'umuryango wawe. Umuhuro wawe ashobora no kuba umuntu uri buhure nawe uyu munsi. Koresha buri muhuro wawe mwiza mu kwatura ubutsinzi bwawe hejuru y'umwanzi. Ufite umuhuro binyuze muri iri jambo, kandi ni ukuri uzagenda uteze impinduka ifatika.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite umuhuro wanjye binyuze mu ijambo ry'uyu munsi, kandi ntanakimwe kizigera kimpagarika kubaho ubuzima butemba amata n'ubuki muri uyu mwaka mu izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaheburayo 4:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 4-7



**Yobu 22:28**
**"Uzagira icyo ugambirira kikubere uko ushaka, Kandi umucyo uzamurikira inzira zawe."**

Buri jambo risohoka mu kanwa kawe ririmo gukora kandi ritegereje ko risohora. Niyo mpamvu ari ingenzi gushyira ubudashyikirwa ku magambo uvuga avuye ku munwa wawe. Ibuka ko Bibiliya ivuga ko ururimi arirwo rwica kandi ari narwo rukiza. Ntiyabisanishije n'indwara cyangwa kunanirwa kuvurwa ahubwo ivuga ko ari amagambo yawe. Ushyire ubudashyikirwa ku magambo uvuga.

Igihe uvuze "ibintu birakomeye," iryo jambo ritegereza kugirango ritume ibintu byose bigukomerera koko. Iryo jambo riragenda rigategerereza ahantu kugeza risohoye. Uburyo bwonyine bwo kuburizamo ayo magambo mabi uba watuye nuko watura andi meza. Ujye uvuga amagambo meza, uzabaho ukurikije amagambo uvuga.

Uyu ni umunsi mushya; ururimi rwawe ruriho kugira ngo rwubake gusa, atari ugusenya. Niyo ibibazo by'ubuzima byaba byakubanye byinshi, ujye uhora uvuga amagambo meza. Uri uwahawe umugisha n'Isumbabyose, nta bukene cyangwa uburwayi buzaza hafi y'ihema ryawe mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Akanwa kanjye ni ikaramu y'uwandika vuba; Ndatura amata n'ubuki mu bice byose by'ubuzima bwanjye. Ni ukuri kugirirwa neza n'imbabazi bizanyomaho iminsi yose nkiriho mu izina rya Yesu. Icyubahiro ni cy'Imana.**

**IBINDI BYANDITWE**
Imigani 18:21

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 8-11



**Zaburi 92:12-13**
**"Umukiranutsi azashisha nk'umukindo, Azashyirwa hejuru nk'umwerezi w'i Lebanoni. Ubwo batewe mu rugo rw'Uwiteka, Bazashishira mu bikari by'Imana yacu."**

Lebanoni ni ahantu habi mubijyanye n'ikirere. Rimwe na rimwe haba ari habi, imiyaga ikomeyemu bice byose by'igihugu bigatuma habaho ukwangirika gukomeye kubutaka n;ibiti. Abantu benshi bakibaza ikiba k'umukindo w'i Lebanoni cyatumye n'umwanditsi wa Zaburi asanisha umukiranutsi n'igiti cy'umukindo w'I Lebanoni.

Iyo umuyaga uhushye, umukindo w'I Lebanoni urigonda warangiza ukagaruka mu mwanya wayo. Urigonda atari ukubera ko ari umunyantege nke ahubwo ni uko ugororotse. Kristo yakugize umukiranutsi w'Imana kandi abakiranuts nibo bameze nk'umukindo w'I Lebanoni. Bavuga cyangwa bakwandikaho ibintu bibi , uzigonda maze ugaruke mu mwanya warurimo. Ntuzanyeganyezwa cyangwa ngo ugukwe n'ikintu na kimwe. Urakomeye kandi uragororotse nk'umukindo w'I Lebanoni, kandi urufatiro rwawe rurakomeye kurusha ingorane z'ubuzima.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndakomeye kandi nshoye imizi muri Kristo Yesu. Nta ntwaro yacuriwe kundwanya izagira icyo intwara. Navukiye kuba gutsinda no gutera imbere mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 1:3-4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 1-5



**Matayo 11:11**
**"Ndababwira ukuri, yuko mu babyawe n'abagore hatigeze kubaho umuntu uruta Yohana Umubatiza, ariko umuto mu bwami bwo mu ijuru aramuruta."**

Icyanditswe cyacu kirasobanutse ko ababayeho mbere ya Yohana Umubatiza bose, ko hatigeze kubaho umuntu umuruta. Ashobora kuba ari Yesaya, Yosuwa cyangwa uwo ariwe wese waekereza; nta wagiriwe ubuntu nka Yohana. Yakoreraga ku rwego rwe rwihariye mu buntu no mu mbaraga z'Imana. Igitangaje ni ukuntu Yesu yakomeje akavuga ngo n'umuto ukivuka bwa kabiri aruta Yohana.

Benedata, Yohana yakoze ibitangaza, ariko twakora ibitangaza bitagira umubare. Genda ushize amanga ko uri umujenerari w'Imana w'inyenyeri eshanu, wahindura ibintu mu buzimabwawe. Atura amagambo unahanure mu kirere, ibigukijije bizagandukira ijambo ryawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umujenarari w'inyenyeri eshanu wabyawe n'umwuka w'Imana. Ndatura kdi ndatageka ko ubuzima bwanjye burenze kuba igitangaza. Intambwe zanjye zitegekwa n'Imana mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yohana 14:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi : Yobu 6-9



**Yakabo 4:7**
**Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.**

Ijambo Satani si izina gusa ahubwo ni imiterere y'akazi usobanura ukubita akongera agakubita kugeza aceng-eye. Icyosatani azobereyemo ni uguhozaho mu mugambi wo kugutsin-da. Yasize Yesu by'agahe gato nyuma yo kumugerageza, bisobanuye ko yari bugaruke mu kindi gihe. Nubwo Yesu yari Imana mu mubiri, umwanzi yat-inyutse gutititriza akongera agatitiriza kuri We.

Iyo wigaburiye ijambo ry'Imana ukanashyira agaciro ku magambo uvuga, ugaseka mu mwuka. Wuba-ka uburwanyi bw'umwanzi. Uzarema ubushobozi bwo guhangana n'imyam-bi yose y'umwanzi kandi ukuri kw'amata n'ubuki kuzaba ukwawe. Fata umwanya ujye mw'ijambo ry'Imana. Gusenga mu mwuka, nukuri uzagarukana ubuhamya. Uzabaho ubuzima buhorona ubutsinzi hejuru y'umwanzi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndiyubaka mu kwizera kwera binyuze mu ijambo no gusenga. Akanwa kanjye gatanga ubuzima, amahoro no kugubwa neza mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yuda 1:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 10-13



**Itangiriro 1:3**
**Imana iravuga iti "Habeho umucyo", umucyo ubaho.**

Guhera mu itangiriro kugeza mu byahishuwe, Imanaicyo yakoze ikintu kimwe gusa; Yaravuze! Ntakintu gifatika yakoresheje , ahubwo yakoresheje akanwa kurema isi, yasenye inkuta anahindura ubuzima bwa benshi. Ibi bintu bose bigaragara nk'ibifatika mu msayo hawe, Uramutse ushatse byimbitse, uzasanga Yaravugaga ikintu kikabaho. Niyo mpamvu Imana iha agaciro ubuhanuzi kuberako ibiro byagihanuzi bivuga vuga.

Igihe Imana yabonye umwijima mu gitabo k'itangiriro, ntabwo yigeze yitotomba ahubwo yahise ivuga ngo habeho urumuri. Uno munsi, ukoreshe akanwa kawe iby'inyungu uvuge habego buri kimwe wifuza. Ese ni amafaranga, akazi, amasezerano y'akazi, gukura cyangwa urushako? Wowe VUGA, ATURA, bizasohozwa.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpisemo gukoresha akanwa kanjye iby'ingirakamaro kandi ndarema ubwami binyuze mu rurimi rwanjye. Ndategeka kandi ndatura amata n'ubuki gutemba mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 12:36

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Job 14-16



**1 Timoteyo 1:18**
**Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza.**

Uubuhanuzi si amagambo gusa yaturwa y'ubumana ahubwo ni ukurekurwa kw'intwaro. Pawulo yihanangirije Timoteyo kugirango akoreshe ubuhanuzi ngo arwane intambara nziza. Ntabwo yamubwiye gukoresha abamuzi cyangwa abo azi, CV cyangwa ikimenyane, ahubwo yamubwiye ngo akoreshe ubuhanuzi. Iyo baguhaye ijambo rya gihanuzi biciye mu ijambo ryabwirijwe, icyanditswe, cyangwa umuhuro w'amaso kuyandi, ni intwaro n'ibikoresho bya gisirikare uba uhawe. Wamaze kuzuzwa niri jambo.

Uhinge byimbitse buri jambo ryiza baguhaye, ukomere kuri iryo jambo ubone gutangiza intambara ku mwanzi. Niba barakubwiye ko ari wowe uzabohora umuryango wawe, umwanzi ntashobora kuguhagarika cyangwa ngo ahagarike gutsinda kwawe kubera ko ufite umukoro w'ibihe wo kubohora umuryango wose. Genda utsinde ibintu byose mu buzima bwawe. Nta kizaguhungabanya mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite ijambo ry'Imanarya gihanuzi. Ukomeye ni uri murinjye kuruta uri mu isi. Sinzatsindwa n'umwanzi cyangwa ikibazo icyo aricyo cyose. Urufatiro rwanjye rurakomeye mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Gutegeka kwa kabiri 31:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi : Yobu 17-20



**Yoweli 3:10**
**Amasuka yanyu muyacuremo inkota, n'imihoro yanyu muyicuremo amacumu, n'umunyantegenke na we ahige ko ari intwari.**

Iyo ubicagaguye, ubona ko kwizera ubwako ni impaka cyangwa ikiganiro. Umwanzi ashobora gushaka kugusunikira munzira ze, kandi akazi kawe ari ukurwanya umugambi w'umwanzi. Bibiliya ivuga yeruye ko niwicisha bugufi imbere y'Imana, ukarwanya Satani, azahunga.

Icyanditswe cyacu uyu munsi kiravuga kiti 'umunyantege nke ahige ko akomeye." Ugumane iki mu ntekerezo zawe, umunyantege nke ntavuga ko akomeye aruko yakiriye imbaraga ahubwo abivuga agicitse intege. Baba babizi ko mu mahame amenyerewe ko ari abanyantege nke, badakize cyangwa barwaye, ariko bagomba guhitamo kuburana nibyo bibazo. Uno munsi, shinga urubanza rwawe, uburane n' imigambi yose mibi iri mu buzima bwawe. Niba konti yawe ya banki itariho amafaranga, wowe vuga uti "Amafaranga araje muri uyu mwaka w'amata n'ubuki!" kandi bizaba impamo. Ntukisunge cyangwa ngo wemeranye nibiva ku mwanzi, shinga urubanza rwawe mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nabyariwe mu ijuru, kandi isoko ryanjye niry'ubumana. Ndi umunyamugisha birenze, kandi imbaraga z'Imana zizigaragaza mu mirimo yanjye, mu magara yanjye no mu bice byose by'ubuzima mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
2 Abakorinto 4:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 21-23



**Matayo 8:27**
**Abantu baratangara bati "Uyu ni muntu ki? Umuyaga n'inyanja na byo biramwumvira!"**

Papa wanjye, Pasiteri Chris Oyakhilome, yarandenganuye igihe benshi banciraga urubanza kugitangaza cya mafaranga. Byari birenze imyumvire yabantu ukuntu amafaranga ashobora kuza afatika mu ntoki cyangwa kuri konti mu mamiliyoni. Nubwo Yesu yakoze igitangaza cya mafaranga kiri no muri bibiliya nk'amafaranga y'igitangaza y'umusoro, benshi n'ubu ntibabyizera, Imana iracyari mu kazi ko gutuma amafaranga agaragara. Mu cyanditswe cyo hejuru, ntibabashije kumva Yesu ni muntu ki kuko yarafite ibanga ryo gutegeka inyanja n'imiyaga.

Pasteri Chris yaravuze ngo abyibazagaho bose ari ukubera ko batazi "Amabanga." Ni amabanga cyangwa kode z'umwuka Benedata, zituma winjira mu isi y'ibitangaza abanda batarageramo. Ni nka porogirame ya mudasobwa; aho ushyiramo kode ibitangaza bikaba. Uno munsi urabona igitangaza kidasanzwe mu izina rya Yesu. Iri jambo rifatanyije n'amasengesho yawe, urafungurirwa isi ya kode cyangwa amabanga aribukubyarire ibitangaza.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nuzuye ijambo ry'Imana kandi umwuka wanjye uhora wieguye. Mba mu isi y'imbaraga itandukanye. Ibidasanzwe bizakomeza kubaho mul buzima bwanjye mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Abakorinto 2:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 24-28



**Ibyakozwe n'intumwa 9:3**
**Akigenda yenda gusohora i Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota.**

Isengesho ni porotokole cyangwa umukozi wohereza imbere yawe kugira ngo agukorere akazi. Kuri bamwe , bishobora nko kumvikana nko kuvuga vuga amagambo gusa, ariko isengesho ni igikoresho gikomeye kirema ahazaza uko uhashaka. Ananiyasi yari umwigisha usanzwe, ariko amasengesho ye yaremereye ikirere cy'I Damasiko ku rwego igihe Pawulo yajyaga I Damasiko, yagoswe n'umucyo. Biciye muri Ananiyasi wari umwigishwa usanzwe, amasengesho ye yagiye mu kirere ku buryo itega icyabangamira umurimo w'Imana.Amasengesho yarari mu kazi nka porotokole cyangwa abakozi mu kirere.

Usenge ubudasiba, buri jambo watura rizakomezwa kandi risohore. Atura amata n'ubuki ari byo gutera imbere, kurama, amagara mazima no kwimurwa, kandi bizakomezwa bisohore mu izina rya Yesu. Ohereza porotokole kandi ubutsinzi bwawe azaba ari ihame.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ahazaza ni ahanjye, ntakizampagarika kugra ku ntsinzi. Isengesho ryanjye riri mu kazi mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yakobo 5:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 29-31



GoodNews DAILY



**Zaburi 119:130**
**Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo,guha abaswa ubwenge.**

Uburyo buhebuje bwo kubohoka niyo ubujiji bwawe buhangawe. Iyo bibiliya yise satani igikomangoma w'umwijima, ntabwo ari ibyo abantu batekereza. Ijambo"Igikomangoma" bisobanuye "Uwa mbere" kandi ijambo "umwijima" bisobanuye "ubujiji" rero bisobanuye uwa mbere kuba injiji. Igihe satani yatekereje guhirika ubutegetsi mu ijuru, yahise aba wambere ku rutonde rw'injiji.

Hari ibice by'ubuzima wigeze kugiraho ubujiji; kandi muri ibyo bice by'ubuzima nibyo satani n'ingabo ze zitsindiramo cyane. Reka ijambo ry'Imana rishashagirane mu bice byose by'ubuzima bwawe. Wite cyane ku bice urimo gutsindwamo. Ugucengera kw'ijambo ry'Imana kuzazana umucyo, uzahirwa no kugira imitekerereze mishya.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Umutima wanjye wahinduwe n'ijambo ry'Imana. Kristo uri muri njye ibyiringiiro by'ubwiza. Ndi umucyo wambaye umubiri, kandi gutsinda ni ukwanjye.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abakolisayi 3:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 32-34



**Zaburi 138:2**
**Ndasenga nerekeye urusengero rwawe rwera, Nshimira izina ryawe , imbabazi zawe n'umurava wawe, kuko washyirishije hejuru ijambo ryawe kurisohoza, Ngo rirute ibyo izina ryawe ryose ryatwiringije.**

Iyo ukurikiye ijambo, ni ukuri ugarukana ubuhamya. Itorero ryacu rizwi byihariye ku bijyanye n'ihishurirwa ry'ijambo ry'Imana kuruta ibindi bintu byose. Nubwo duhanura tukanakora n'ibindi by'impano z'umwuka wera, dutinda ku ijambo ry'Imana ari naryo jambo ry'ukuri rya gihanuzi. Ugendeye ku cyanditswe cyavuzwe hejuru, Imana yashyize hejuru ijambo ryayo hejuru y'izina rye. Ibanza kugisha inama Ijambo ryayo mbere yuko igira icyo ikora. Niyo mpamvu Ijambo ry'Imana ari ikitegererezo cy'ibintu byose bibera hano ku isi.

Buri kintu cyose ni ingaruka z'ijambo ry'Imana, uko ujya byimbitse mu Ijambo ry'Imana, niko nawe urushaho kubona ibisubizo. Ujye urema igihe cyo gusoma no kumva ijambo ry'Imana kandi ni ukuri uzagarukana ubuhamya. Ntukange ijambo ry'Imana kuko niryo jambo ry'ukuri rya gihanuzi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkurikira ijambo ry'Imana kuko niryo jambo ry'ukuri nyako rya gihanuzi ku buzima bwanjye, amagara yanjye n'ubucuruzi bwanjye. Ubuzima bwanjye bugaragaza Ijambo ry'Imana kandi mbaho ubuzima bw'ubushake bw'Imana mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yesaya 55:11

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe uyu munsi: Yobu 35-37



**Luka 16:13**
**"Nta mugaragu ucyeza abami babiri, kuko aba ashaka kwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukeza Imana n'ubutunzi."**

Hari ikintu kimwe cyonyine muri Bibiliya, Imana yigereranya nacyo. Ikintu kimwe cyonyine Imana yavuze iti iki nahangana nacyo, ntabwo ari Satani ahubwo ni AMAFARANGA. Amafaranga ni umwami; ashaka kuyobora no kuramwa. Iyo amafaranga akubonye , abona ikintu cyo kuyoborwa no kuganzwa. Ugendeye ku cyanditswe cy'uyu munsi, Imana yise amafaranga umwami, anahamyako utaramya Imana ngo unaramye amafaranga icya rimwe.

Iyo umaze kumenya bihagije uburyo bwo gutegeka amafaranga, wakorera Imana byoroheje. Ni gute wategeka amafaranga? Igihe cyose uhaye Imana amafaranga cyangwa mu murimo wayo, uba urimo kubwira amafaranga ko hari umwami urenze uri hejuru yawe, ukaba utegetse amafaranga muri ubwo buryo. Gutanga amafaranga nibwo buryo bwonyine bwo gutegeka amafaranga. Umurimo uwo ariwe wese waba urimo, ntukiganyire gutanga amafaranga kuko aribwo buryo bwonyine bwo gutegeka amafaranga kandi amafaranga menshi azakuzaho avuye mu nzira zitandukanye.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite kuganza hejuru y'ubutunzi kandi ndi umwami hejuru y'amafaranga. Ntawundi munsi mu buzima bwanjye nzongera gukena nzaryoherwa n'amata n'ubuki. Amafaranga yanjye ni amafaranga yo gusunika ubutumwa bw'Imana. Haleluya!**

**IBINDI BYANDITWE**
Hagayi 2:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 38-39

## AMAFARANGA YO GUSHYIGIKIRA UMURIMO W'IMANA



**Luka 8:2-3**
**n'abagore bamwe bakijijwe abadayimoni n'indwara, barimo Mariya witwaga Magadalena wirukanywemo abadayimoni barindwi, na Yowana muka Kuza igisonga cya Herode, na Suzana n'abandi bagore benshi babafashishaga ibyabo.**

Ubutumwa bwiza ni ubuntu ariko ibituma ubu butumwa bugera ku bantu si ubuntu. Bisaba amafaranga kugira ngo umuntu akodeshe stade yo gukoreramo igiterane, gusohora impapuro z'ubutumwa bwa buri munsi, n'ubwo tubitangira ubuntu cyangwa tukagura PA Systems kugira ngo tubwirize miliyoni y'abantu. Niyo mpamvu Imana ishaka kuguha amafaranga si amafaranga gusa ahubwo ni amafaranga yo gusunika no gushyigikira ubutumwa bwiza. Ni Amafaranga kubw'impavu ze.

Amafaranga araje kuri wowe nkuko nabihanuye, ariko wibuke ko ataraje guhaza ibyo wifuza gusa ahubwo ni ay'umurimo w'Imana. Ni ayo gusunika imirimo y'Imana. Uko urimo gusoma ubu butumwa bw'uyu munsi, hari ubuntu burekuwe bwo gutuma ukira ariko ukomeze wibuke ko amafaranga ntabwo aje ngo uyagumane wowe gusa ahubwo n'ayo gushyigikira umurimo w'Imana. Nkabo bagore bafashishaga ibyabo Yesu, biciye mu gukira kwawe , amahanga azakira ubutumwa bwiza.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amafaranga araje kuri njye kandi si amafaranga yanjye gusa ahubwo ni amafaranga yo gushyigikira umurimo w'Imana. Ndasenze kandi ndahanura ko amafaranga atazigera akama mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 2:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yobu 40-42



**2 Abakorinto 5:17**
**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Ku bw' Impamvu yo kuba muri Kristo, Bibiliya ivuga ko ubu uri icyaremwe gishya. Ijambo "Gishya" ni ijambo "ka-inós" mu kigireki risobanura "Icyarem-we kitegeze kubaho mbere" Nti waru-riho mbere. Nibagerageza ku kwibutsa kubaho iby'ahashize, ujye ubabwira ko utigeze ubaho mbere. Uri icyaremwe gishya hano ku isi. Haleluya!

Uko usoma iri jambo ibintu bihindutse bishya. Ntukemera ko isi ikwibutsa ibyo ahashize kubera ko ubu uri icyarem-we gishya kitigeze kibaho. Gutsindwa si umugabane wawe kuber ko uri icy-aremwe gishya gifite DNA y'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi icyaremwe gishya. Nta mbaraga z'ikuzimu zampagarika mu izina rya Yesu. Icyubahiro kibe icy'Imana**

**IBINDI BYANDITWE**
Abefeso 3:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyandtswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 12-15



**2 Abami 6:17**
**Nuko Elisa arasenga ati "Uwiteka ndakwinginze, muhumure amaso arebe." Nuko Uwiteka ahumura amaso y'uwo musore arareba, abona umusozi wuzuye amafarashi n'amagare by'umuriro bigose Elisa.**

Ibyaro biciyemo ibice bitatu, ahatuwe n'abacye, ahatuwe biringaniye n'ahatuye abantu benshi. Abinjiza amafaranga baba ahantu haba abantu benshi, kandi amazu yabo aba ari mato ugereranyije nababa ahatuye abantu bacye. Ibi nabyo niko bigenda mu isi y'umwuka. Ntabwo twese tuba mu kiciro kimwe cyangwa mu isi imwe. Niyo mpamvu ibitangaza bimwe n'imihuro y'umwuka wera tugira muri Goodnews world (mu isi y'inkuru nziza) byumvikana nk'ibintu bidasanzwe ahandi hantu.

Umukozi w'Imana Elisa yabaga ahantu hatandukanye n'aho Gehazi yabaga ari. Aho Elisa yabonaga urupfu, Gehazi yabonaga uburinzi bw'Imana ndetse n'ubuzima. Uko usoma iri jambo ukanasenga, urimuka ujye ahandi hantu mu mwuka. Umucyo urinjira mu mwuka wawe wo kukwimura nonaha. Urimo kuva mu bwiza ujya mu bundi, kuva mu buzima buciriritse ujya mu buzima butemba amata n'ubuki mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite umucyo w'Imana muri njye. Uri muri njye araruta uri mu isi. Nzatera imbere muri burikimwe ku bw'imbaraga z'Umwuka wera.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaheburayo 12:22

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 16-18



**Yohana 1:12**
**Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.**

Hari ukudasobanukirwa mu bakristo aho benshi bemera ko Abakristo ko ari abizera. Ariko ugendeye ku cyanditswe cy'uyu munsi ntabwo turi abizera ahubwo turi abava mu kwizera. Abizera,Imana yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Twarenze urwego rwo kwizera; ubu turi abana b'Imana.

Abana bakuze b'Imana baba bazi uburenganzira bwabo n'ibyo batunze. Ntukiri uwizera ahubwo uri Umwana kandi ukuze w'Imana utunze ibyiza byose muri Yesu Kristo. Kugubwa neza, Ubuzima bw'ubumana n'ubutsinzi ni ibyawe byose. Ufite ubushobozi buhagije kugirango uteze impinduka mu bice byose by'ubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umwana w'Imana ukuze, kandi ibintu byose byiza ni ibyanjye n'umuryango wanjye. Nzabaho kugirango nganze uno munsi n'iminsi yose izakurikira mu izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaroma 8:15-17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 19-21



**2 Abakorinto 5:20**
**Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana.**

Hari ubukungu bw'isi bufatwa nk'imbaraga zidasanzwe mubijyanye n'ubumenyi bw'amafaranga no mu mbaraga za gisirikare. Ibihugu byinshi bikora ibishoboka byose mugusinya imishyikirano bakanifatanya n'ibindi bihugu bizwi nk'ibihanganjye kugirango bahabwe ubufasha cyangwa babone uburinzi igihe bukenewe. Bibiliya itwita abavugizi (Ambasaderi) ba Kristo, bisobanuye ko tudahabwa ubutunzi n'iy'isi ahubwo ubutunzi bwacu buturuka mu ijuru, aribwo bukungu bwa siyoni. Ubwo abandi barimo kumanurwa, Wowe uzavuga ko hari ukuzamurwa.

Turi abaturage bo ku musozi siyoni, ntabwo turi ab'isi, ku musozi siyoni nta gukena. Ntabwo uzakena ikintu cyiza muri ubu buzima n'ubuzima n'ubuzaza. Imana Data ifite inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi. Azakomeza kumaraho ubukene bwawe bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe bungana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umuturage w'I Siyoni, Guhabwa kwanjye guturuka mu ijuru. Ndi uwo Imana ivuga ko ndi, kandi nkora ibyo avuze ngo nkore. Nashyizweho ikimenyeso cyo kugubwa neza no gutsinda uyu mwaka n'iteka ryose.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaroma 8:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyanjye cy'uyu munsi: Itangiriro 22-24



GoodNews DAILY



**Zaburi 119:130**
**Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, Guha abaswa ubwenge.**

Njya numva abakristo baririmba ngo "uyu mucyo muto wanjye," nkaho umucyo w'Imana uri muri wowe ari ikintu satani cyangwa ibigeragezo byahuha. Ntabwo umucyo w'Imana uri muri wowe ari muto cyangwa mucye. Bibiliya iravuga ngo gukegera cyangwa ukwinjira kw'Ijambo ry'Imana kuzana umucyo. Uziko ijambo "Umucyo" mu kigireki bisobanuye PHOTIZO, bivuze amatara ya Stade. Amatara ya Stade araka kuburyo n'urutozi ushobora kurubona mu ijoro hagati. Ni umucyo udasanzwe ushyira kuri wambonye ikintu cyose gito watekereza.

Binyuze mu ijambo ry'Imana,ufite mene urwo rumuri muri wowe, kandi nta mwijima wahangara umucyo uri muri wowe. Ufite amatara ya Stade! Genda umurikire imirimo yawe, umuryango wawe, ubuzima bwawe, amasomo yawe n'ibindi byose bijyanye nubuzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfiye umucyo muri njye kandi ndarabagirana. Ntakintu na kimwe kizahungabanya gutera imbere kwanjye mu izina rya Yesu rikomeye. Icyubahiro ni icy'Imana.**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 5:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 25-26



**Matayo 5:14**
**Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha**

Isi yamaze gukora sisiteme yo kukwigana kugira ngo ube umuntu usanzwe. Isi ntishaka ko ukomeza kuba uwihariye. Ushobora kuba warize ufite n'impamyabushobozi wakuye muri kaminuza mu ishuri ririmo abanyeshuri barenga ibihumbi ibiri. Iyi mibare yerekana ko nubwo ufite impamyabushobozi yuko hari undi ufite impamyabushobozi nk'iyawe. Muri ku ntera imwe no ku rwego rumwe. None ubwo niki kizakugira uwihariye? Benedata, Igisubizo ni Yesu.

Shyira kandi Utange ubuzima bwawe mu Mana, Yesu we kugiti cye azazana umucyo umuntu atabasha guhisha. Uri umucyo w'isi. Niyo haba hari umwijima, gupiganwa no kuvugwa uko utari, uzakomeza urabagirane. Wibuke ko uyu ari umwaka w'Amata n'ubuki! Gendera muri ubwo buhanuzi mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umucyo w'isi, nzakomeza kurabagirana. Ntakidakwiriye kizabasha kumpisha mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 4:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 27-29



GoodNews DAILY



**Kuva 9:26**
**Mu gihugu cy'i Gosheni aho Abisirayeli bari bari, ni ho rutaguye honyine.**

Igihe abana ba Isirayeli bari muri Egiputa, babaga ahantu habo hihariye ku butaka bwitwaga Gosheni. Hari ahantu hatoranijwe n'Imana ku buryo igihe hari umwijima muri Egiputa, i Gosheni niho honyine hari umucyo. Gosheni harinzwe ibyago byose Abanyegiputa bahuye nabyo. Imana yakoze ibishoboka byose kugira ngo abana bayo batazarwara cyangwa bagerweho n'ibyago byo muri Egiputa.

Ni kamere y'Imana kurinda no kugenera abayo. Sisteme z'iy'isi ntacyo zizakumarira kubera mu Mana , Uri muri Gosheni yawe. Isi nivuga ibijyane n'agahimda gakabije, anga kuba umwe mubafite agahinda gakabije. Ingemu yawe iva mu ijuru. Inzu yawe ni Gosheni yawe nshya kandi uzakomeza kubona ukoboko kw'Imana gukomeye kwi'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Meze nk'igiti cyatewe ku mugezi. Sinzumagara kuko ubuntu bw'Imana bumpagije, njye n'umuryango wanjye. Amata n'ubuki nibyo mugabane wanjye Imana Ishimwe!**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi : Itangiriro 30-31



**Abefeso 5:30**
**Kuko turi ingingo z'umubiri we.**

Icyanditswe cyacu cy'uyu munsi kiravuga ngo turi "ingingo z'umubiri we" bisobanuye ko koko turi ibice bigize umubiri wa Yesu Kristo. Iyo ubonye umuKristo , uba ubonye igice cy'umubiri wa Yesu Kristo. Niyo mpamvu dukenerana kugira ngo dukore "Umubri wa Krsito."

Ni nayo mpamvu igihe Sawuli yatotezaga itorero, Imana yafashe uko gutotezwa nkaho ariwe kwakorerwaga. Byari ugutoteza Imana ubwayo, ntibyari ugutoteza abanyetorero.

Iyo Imana ishaka gukora muri iyi isi, ikoresha wowe. Iragenda, ikanakuvugiramo. Icyo ukozeho cyose, si wowe ugikozeho ahubwo ni Imana. Atunze byose kandi nta mupaka agira. Itoze ubutware hejuru y'ibintu byose byo kuri iyi isi kuko uri icyaremwe kidasanzwe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi urugingo rw'umubiriwa Yesu Kristo. Yesu akorera kuri iyi isi binyuze muri njye. Nzaba umutsinzi kubera ko nambaye imbaraga z'Imana mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 2:5

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 32-34



GoodNews DAILY



**Mariko 16:15**
**Arababwira ati "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.**

Mbere yuko umwami agera ahantu, yohereza abamugaragiye, ari nabo protokole ye cyangwa abamubanziriza aho agiye. Abagaragiye cyangwa abagenda mbere y'umwami ni ikimenyetso cy'uko umwami agiye kuza mbere y'uko ahagera. Imana yaduhaye njyewe nawe umurimo wo kugenda tukabwiriza ubutumwa bwiza kubyaremwe byose mbere yuko umwami aza. Kubera ko turi abagaragiye Imana. Turatangaza kuza ku mwami w'abami ku byaremwe byose.

Wibuke ko abagenda mbere cyangwa abagaragiye umwami baba bitwaje intwaro, bafite ubumenyi buhagije kandi bafite ibikoresho bihagije byo gukora akazi. Imana rero yamaze kuguha jambo ryayo kandi anaguha ibihagije kugira ngo ubashe gusohoza umurimo wahawe. Ushobora kuba utari kugatuti ubwiriza ariko ibyo ukora byose uzasohoza umurimo wawe. Urasizwe kandi ufite ibihagije kugirango utegure ukuza ku Mwam w'abami. Uri Ugaragiye Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ugaragiye Imana. Ugusigwa kw'Imana kundiho kugira ngo mbwirize inkurunziza ku byaremwe byose mu izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
2 Abakorinto 5:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 35-37



**Ibyakozwe n'intumwa 19:15**
**Bukeye dayimoni arabasubiza ati "Yesu ndamuzi na Pawulo ndamumenye, ariko mwebweho muri ba nde?**

Iyo utekereje ku isi y'umwuka, ni iki ubona? Isi y'umwuka ni isi ntabwo ari umwuka gusa nkuko bamwe babitekereza. Ni agace cyangwa Zon, haba ubuzima, ibintu bifatika n'imihuro ifatika. Ni isi nyayo iruta iyi tubamo. Iyo ufashe ubutware bw'isi y'umwuka, ushobora gutegeka buri kimwe kigaragara, kuko ari iby'umwuka bigenga ibifatika. Mu yandi magambo, ibigaragara biva mu by'umwuka.

Abadayimoni bari bazi Yesu na Pawulo. Abahungu ba Sikewa bo ntibari bazwi kandi badafite umumaro mu mwuka kugeza ubwo n'abadayimoni batabashaga kubamenya. Bari abantu b'ubusa bagendagenda ku isi gusa. Se yari umuyobozi mu itorero, ariko ntibyababahesheje agaciro mu mwuka. Ntabwo bijyanye n'abo muziranye ahubwo birebana nawe. Uyu munsi, hitamo kuba uwamamaye mu mwuka binyuze mu Ijambo ry'Imana no mu gusenga.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijambo ry'Imana ritemba mu buzima bwange. Ndi igihanda mu mwuka. Ubuzima bwanjye n'ubw'intsinzi mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Mariko 16:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 38-40



**Itangiriro 1:3**
**Imana iravuga iti "Habeho umucyo", umucyo ubaho.**

Sonoluminisanse mu bugenge ni igikorwa cyemeza muri siyansi ko ijwi ritanga ingufu zitanga urumuri. Iri ni ikoranabuhanga ryaremwe n'Imana bituma Ivuga, igasohora imiyoboro y'amajwi, maze iyo miyoboro y'amajwi ikarema urumuri. Yakuremye mu mimerere yayo, yaguhaye ubwo bushobozi kugira kugira ngo ureme urumuri nuvuga. Sobanukirwa ko iyo uvuze, usohora ijwi rivuye mu bikuri imbere maze ukabigaragaza neza inyuma. Niko bimeze mu isi y'umwuka.

Bibiliya iravuga iti "Kwinjira kw'IJAMBO ryawe gutanga [kwerekana cyangwa guhinduka] urumuri!" Rero, kugira ngo utange urumuri hanze, urumuri rugomba kubanza kukwinjiramo. Ibyanditswe bitubwira ko kwinjira kw'ijambo ry'Imana ari ko kuzana urumuri muri wowe. Mu yandi magambo, mu isi y'Umwuka, amagambo apimirwa k'urumuri. Iyo tuvuze dusohora urumuri. Rero, ingano y'urumuri ufite niyo ngano y'amagambo ushobora kuvuga mu Mwuka mu rumuri. Ubaka amagambo yawe y'urumuri buri munsi winjiramo mu Ijambo ry'Imana. Uko uvuga, umenye ko byose mu buzima bwawe biri guhinduka amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Urumuri rwange ruri kwiyongera, kandi kubw'ubushobozi bw'ijambo muri njye, nsohora urumuri mu magara yanjye, mu butunzi bwanjye, mu muryango wanjye, kandi ihindura ibibi mpura nabyo kunzanira ibyiza!**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 119:130

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 41-42



**2 Abakorinto 5:14**
**Urukundo rwa Kristo ruraduhata, kuko twemejwe yuko nk'uko Umwe yapfiriye bose ari ko bose bapfuye,**

Hari ikintu kidasanzwe ku mitekerereze y'indaya buri mukristo akwiye kwigana. Bishobora kuba byumvikana nabi, ariko ndabisonura. Waba warabonye ko indaya ikora ibishoboka byose kugira ngo igicuruzwa cyayo gihore kigaragara kugira ngo waba umukiriya ubone neza icyo ari cyo kigurishwa? Abikoreshwa nuko azi agaciro k'igicuruzwa cye, kandi akumva ari we wa mbere uzacyamamaza. Avugana intego imwe ariyo yo kumenyekanisha igicuruzwa cye. Yirengagije ikirere, haba imvura cyangwa inkuba, azaba ari hanze acuruza. Kandi, iyo inguni arimo itazana abaguzi ashaka, ashaka indi nguni.

Sobanukirwa ko igiciruzwa gikomeye cy'Imana ari Yesu, kandi buri Mukristo ni uwo yatoranyirije kukigurisha. Rero, nk'Umukristo, ntuzahishe Igicuruzwa cy'Imana. Uko ugenda, reka Bibiliya yawe bayibone. Wiyihisha. Ahubwo, yigaragaze ufite ishema. Nuvuga, reka ikiganiro cyawe kibe igikoresho cyamamaza kiyobora abandi kuri Yesu. Ufate imyumvire yuko haba mu mvura cyangwa mu mucyo, mu byo ukora byose, uzagaragaza Yesu uko byagenda kose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ubaho, ugenda, uvuga wamamariza Igicuruzwa gikomeye ku isi yose! Ndi umucuruzi wa mbere w'Igicuruzwa cyitwa Yesu, kandi sinzacika intege, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
2 Abakorinto 3:2

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 43-45



**Imigani 3:9**
**Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wunguka byose.**

Gucunga imari ni uburyo bwiza bwo gucunga imitungo y'amafaranga y'umuntu kugira ngo bimufashe kugera ku ntego ze. Isi ifite uko igenza iyi mikorere, ariko twe ntituri ab'isi. Imana yaduhaye imikorere yacu, kugira ngo irinde, yongere kandi ibungabunge amafaranga yacu, na mbere yuko aza. Imikorere y'amafaranga y'isi igizwe no kubitsa, ariko uburyo bwiza bwo kugira ubutware ku mafaranga ni mu gutanga.

Gutanga icya cumi ni ikinyabiziga mu mikorere y'ubutunzi bw'Imana bigushesha ububasha bwo gutunga. Muri iyi mikorere, ufite ubushobozi bwo gucunga no kwihutisha inyungu ushoye imari cyangwa utanze, bidashingiye kuyo usigaranye muri konti yawe ya banki cyangwa ibyo ingengo y'imari igutegeka, ahubwo bishingiye kucyo witeze nk'inyungu izakugarukira. Wahawe imbaraga zo gutanga icya cumi bitewe n'icyo ushaka kwakira. Hitamo uko ushaka ko inyungu yawe ingana, maze ubigire intego y'icya cumi cyawe kuri urwo rugero. Ntuzemerere asigaye kuri banki ko agena uko utanga. Ahubwo, jya utanga ukurikije uko ushaka gusarura, maze uzabona ibitangaza mu butunzi bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nsunikira ubutunzi bwanjye mu isi y'umwuka aho umurimbuzi atabukoraho. Nsigiwe gucunga imari. Ubutunzi bwanjye burarinzwe, kandi amafaranga aje kuri njye atemba nk'amata n'ubuki mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
Imigani 3:9-10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 46-47



**Ibyahishuwe 1:16**
**Mu kuboko kwe kw'ibiryo yari afashe inyenyeri ndwi, mu kanwa ke havamo inkota ityaye ifite ubugi impande zombi. Mu maso he hari hameze nk'izuba iyo rityaye.**

Hari urugero rw'ubudahangarwa, rw'uburinzi buva mu ijuru Abakristu bamwe bamenye, ku buryo bavuga ikintu mu mwanya wose, kikaba. Aya mahirwe ntabwo yahariwe bake batoranyijwe mu Bwami bwa Kristo. Nawe ufite ubushobozi bwo kubikora mu isengesho. Ibanga ry'ubukristo riba mu kanwa kawe. Umunwa wawe si uwo kurya. N'ikimenyimenyi mu kigiriki ijambo "umunwa" bisibanuye "stoma", bivuze icyuma ukoresha ukata ikintu mu bice. N'usobanukirwa ibi, uzabona ukuntu amasengesho yawe ateye ubwoba.

Isengesho ni intwaro ya kirimbuzi yambukiranya imigabane wakoresha usenya ubukene, indwara, no gutsindwa kose. Ujye ushyira ibitekerezo byawe mu isengesho kugira ngo intekerezo zawe zibe intwaro utegura. Uko usenga kuri Data mu Izina rya Yesu, tangira wibone, utera icyuma ubwo burwayi, utera icyuma uko gutsindwa, utera icyuma ubwo butanye, utera icyuma ubwo bukene! Koresha stoma yawe – akanwa kawe – ukata kandi uca buri kintu cyose gishaka kukubuza gutera imbere!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Imana ivuga ko nkize; rero sinzapfa ntaratunga ubutunzi bwanjye bw'amata n'ubuki! Nta ndwara izankura mu bukungu bwanjye. Nta kintu kizahungabanya amahoro yanjye yo mu mutima, urushako, cyangwa undi mubano wose nashyiriweho n'Imana, mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Timoteyo 1:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiriro 48-50



**2 Abakorinto 6:14**
**Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gkiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite?**

Ubuzima bw'umukristo bugizwe no guhagarika amakuru y'abadayimoni ukayasimbuza amakuru y'umwuka. Bivuze ko ingano y'urumuri ufite muri wowe ibarwa hakurikijwe umwijima mu mpande zawe. Niyo mpamvu muri Yohana 14:30, Yatuye ashize amanga avuga ati Satani "ntacyo amfiteho." [Ntacyo duhuje, nta kiri muri njye cyiwe, nta bubasha amfiteho.]" Ni gute yavuga ushize amanga gutyo? Ni uko yari yaramenye ubugeni bwo gukuraho amakuru y'abadayimoni.

Niyo mpamvu ugomba kwitondera abo ugira inshuti. Iyi ni inama Bibiliya yatanze. Abantu bamwe baza mu buzima bwawe ngo bakugenzure maze babuze iterambere ryawe. Basohora urumuri rubi rukurura imikorere y'abadayimoni. Fata icyemezo cyo kubaho ubuzima buri ku murongo. Wibwire ko utazakora ikintu keretse Imana ikirimo keretse gishyira hejuru izina ry'Imana, kandi kiri mu murimo nkorera Imana. Hitamo kwitandukanya n'umuntu wese usabana n'umwijima wiyemeje gukura mu buzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpisemo kubaho ubuzima buri ku murongo, butandukanye n'umwijima. Ndatura kandi ndategeka, amakuru yose y'abadayimoni akuwe mu buzima bwanjye!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Abakorinto 15:33

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 1-3



**Abaheburayo 11:3**
**Kwizera ni ko kutumenyesha yuko isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana, ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara.**

Ibitagaragarira amaso yacu ni uturemangingo twa Hydrogen na Oxygen, ariko iyo byihurije hamwe bihinduka ikigaragara kitwa amazi. Imana yashizeho ibitagaragara mu iremwa kugira ngo bisubize Ijambo ryayo maze bivemo ibigaragara byiyongera mu buzima bwacu.

Yakoze nk'ibyo mu isi y'umwuka. Utunyangingo twacu tw'umwuka dufite imbaraga zo kurema tugakora isi yacu dushaka dukoresheje ibitekerezo n'amagambo dutekereza kandi tuvuga, ni ibikoresho by'ubumana twahawe tubikoresha mu kurema.

Dukikijwe "n'uturemangingo" tw'umwuka twashyiriweho gusubiza ibitekerezo n'amagambo byacu, cyangwa nk'uko ibyanditswe bibivuga, ukwizera kwacu, kubyara ibitangaza. Ubwo isi y'umwuka ari yo ituma ibintu bibaho, rero igitangaza cyawe gihora kiri mu rugendo. Iyo mvuze, amafaranga araje, kuba mbivuze byonyine, bivuze ko igikorwa kizana amafaranga kuri wowe kiba gitangiye gukora urugendo, ni icyawe mu Izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite imbaraga zirema mu kanwa kanjye. Ntuma ibintu biba bikandemera igitangaza uko mvuze. Mfite kamere y'ubumana kandi nziko ngendera mu butware bw'ubumana mu Izina rya Yesu! Amen**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 33:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 4-6



GoodNews DAILY



**Luka 10:19**
**Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'Umwami zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.**

Umurongo wo haruguru uvuga ko Imana yahaye abana bayo ubutware hejuru y'imbaraga zose z'umwanzi, atari bamwe, atari benshi, ahubwo BOSE! Bivuze ko nk'abakristu mufite imbaraga zo kwatura ubuzima mu byapfuye byose, yaba ubukene cyangwa indwara – wahawe imbaraga zo kunesha. Nk'umwana w'Imana, ni ngombwa ko witoreza ubutware waherewe ubuntu igihe wakiraga Kristo mu buzima bwawe.

Muri bibiliya, havuga igihe kinshi intwari z'ukwizera zagarageje ko zizi iby'ubutware zifite mu mwuka. Byerekanywe igihe Intumwa Pawulo avuga mu 2 Abakorinto 10:4 "Kuko intwaro z'intambara yacu atari iz'abantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubia hasi." Hanyuma y'ibigeragezo bikomeye Pawulo yahuye nabyo yandika iki gitabo cyo muri Bibiliya, yakomeje gutekereza ku mbaraga afite mu Mana. Wirengagije ibigeragezo by'ubuzima uri gucamo, hitamo kugendera muri ibi bitekerezo ko Imana yaguhaye imbaraga hejuru ya sekibi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Uyu munsi mpisemo guhora nzirikana mu bitekerezo byanjye ubutware bw'umwuka mfite muri Kristo. Nahawe imbaraga zo kunesha ibintu byose nanyuramo. Intsinzi yanjye irahari mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 4:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 7-9



**Yakobo 2:26**
**N'uko rero nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, ni ko no kwizera kudafite imirimo kumeze, kuba gupfuye.**

Inshingano yacu nk'abakristo ni ugushyira ijambo mu bikorwa! Abakristo benshi biyemerana kwitabira amateraniro n'izindi gahunda z'urusengero badasiba, nyamara ubuzima bukaguma ari bumwe! Mu gihe bamwe bashobora no kuvuga ko umuvugabutumwa ariwe uri mu makosa, ahubwo ni ikinyuranyo! Abantu bamwe bakora ikosa ryo kumva gusa ijambo ry'Imana badakora icyo rivuga. Bibiliya yerura ku bibi byo kumva ijambo gusa iyo ivuga muri Yakobo 1:22 " Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka". Ibi bitubwira ko abumva ijambo gusa babayeho ubuzima bwishuka.

Iga gushyira Ijambo ry'Imana ahantu hose mu buzima bwawe. Ijambo ryacu dufite muri uyu mwaka ni Amata n'ubuki, rero anga kuba nk'abumva ijambo ntibarishyire mu bikorwa. Bibiliya iravuga ngo ijambo ni igikoresho cy'umurimo mwiza wose. Igihe uzatangira gushyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa, uzabona kwaguka kudasanzwe muri buri gice cyose cy'ubuzima bwawe kandi uzahirwa mu murimo WOSE mwiza!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umukristo ugaragaza ibimenyetso, utari uwumva Ijambo gusa ahubwo unarikora. Uko numva Ijambo, mba ndi kwiyuzuriza ibikoresho byo gukora buri murimo mwiza, mu Izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Petero 1:13

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 10-12



**Matayo 6:27**
**Ni nde muri mwe wiganyirira wabasha kwiyunguraho umukono umwe?**

Mu iyi isi irimo kwihuta yegera kwiherezo, ihora idutangariza ibiteye ubwoba mu makuru no ku mbuga nkoranyambaga zose, biroroshye kuyobywa n'amajwi yo hanze. Ariko, iki cyandiswe kivuga ko kwiganyira bitagira icyo byongera ku buzima bwacu! Nk'umukristo, ujye wibwira ko kwiganyira bidafite ishingiro.

Bibiliya ivuga ko Imana iha ibisiga byo mu kirere, ibaze WOWE, umwana Wayo! Wikemerera ubwoba ko butegeka ubuzima bwawe. Ijambo riravuga ngo ejo haziganyirira ubwaho. Ibi bivuzeko umunsi ari wo wahawe inshingano wo guhangayika, atari wowe! Tuzi ko nk'abana b'Imana, yadukuriyeho umutwaro wo guhangayikira ubuzima bwacu, kandi abarushye n'abaremerewe bahawe uburuhukiro muri Data!

Imana iha buri wese mu bana bayo amahoro atagereranywa. Kwiganyira kuri twe byakagombye kuba igitekerezo cya kure tutiyumvisha! Anga guhangayika, yaba mu mirimo yawe, mu kazi cyangwa mu buzima bw'umuryango wawe. Ntiwemere kwiganyira ahubwo wemere kugaragaza kugira neza kw'Imana mu buzima bwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbaho NTA MIHANGAYIKO! Amafaranga azabyiganira kwinjira mu miryango y'ubucuruzi bwanjye! Nta kintu mpangayikisha. Mbaho ubuzima butembamo amata n'ubuki, mu Izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Petero 5:7

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Your scripture for today: Exodus 13-15



**Zaburi 16:11**
**Uzamenyesha inzira y'ubugingo, Imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye, Mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza iteka ryose.**

Ibyishimo bishingiye ku biri kuba ako kanya, mu gihe umunezero wo ari icyemezo buri mwana w'Imana agomba gufata. Urabona ko navuze 'icyemezo', atari 'ibyiyumviro'. Bibiliya itubwira ngo tubibare nk'umunezero niduca mu makuba atandukanye. Ibi bivuze ko umunezero utagendera ku biri kuba ahubwo ari amahitamo.

Umurongo uzwi cyane mu bavugabutumwa n'abo mu itorero uravuga uti 'mwishimire mu Mwami iteka' (Abafilipi 4:4). Abakristo benshi ntabwo basobanukirirwa ibyari biri kuba uyu murongo wandikwa. Pawulo yandikiye itorero ry'Abafilipi ari muri gereza! Gusa, yirengagije ibyo biruhije yari ari kunyuramo, Pawulo yabashaga kuguma yishimye muri byose.

Imana yahaye abana bayo bose intwaro y'umunezero. Bibiliya iravuga ngo umunezero ni umuti mwiza ariko umutima ubabaye wumisha amagufwa. Ibi bitwereka ko kudahitamo kunezerwa bitera agahinda gakabije kangiza ubuzima bwawe. Uyu munsi, uhitemo kuyobya umwanzi ugire umunezero utitaye ku biri kuba byose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**UMUNEZERO NI INTWALO YANJYE, kandi ikigero cy'umunezero wanjye kiyobya umwanzi. Mpisemo kunezerwa ntitaye ku biri kuba mu binkikije uyu munsi mu Izina rya Yesu Rikomeye! Hallelujah!**

**IBINDI BYANDITWE**
Yohana 16:24

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 16-18



**Abaheburayo 6:10**
**Kuko Imana idakiranirwa ngo yibagirwe imirimo yanyu n'urukundo mwerekanye ko mukunze izina ryayo, kuko mwakoreraga abera na none mukaba mukibakorera.**

Waba ufasha mu gutegura intebe mbere y'amateraniro cyangwa ukaba uyobora kuramya cyangwa ukaba uri umuvugabutumwa mu itorero ryawe, Imana ntiyibagirwa umurimo wawe w'urukundo! Umuriro ukora ngo uteze imbere Ubwami bw'Imana ntabwo wirengagizwa imbere ya Kristo kandi uhembwa bikomeye.

Ese ntibitangaje uburyo Imana itibagirwa ibyo wakoze kubw' Ubwami? Bibiliya iratubwira ngo abashaka Ubwami no gukiranuka mbere, ibindi byose bazabyongererwa. Mu gihe agakiza ari impano duhererwa ubuntu atari kubw'imirimo, Yesu afite ibihembo bidasanzwe bitegereje abitanze bakanateza imbere Ubwami Bwe.

Abatanga amafaranga kugira ngo ubutumwa bwiza bugere kure nabo. Bibiliya itubwira ko abatangira mu bwihisho, Imana izabahemba ku mugaragaro! Uko ukomeza kugendera mu muhamagaro wawe, umenye ko umuhate wawe no kwitanga mu by'Imana bitari iby'ubusa, kandi uzahembwa amata n'ubuki bihwanye n'imirimo yawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umusirikare mu Bwami bw' Imana. Imana imfitiye ibihembo bidasanzwe ku bwo kwitangira Ubutumwa bwiza kwanjye. Umuhate wange ntabwo umuhate wanjye si uw'ubusa, kandi nzahemberwa ku mugaragaro ibyo nakoreye ahiherereye, Mu Izina Rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Abakorinto 3:13-14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 19-21



**Abaheburayo 13:2**
**Ntimukirengagize gucumbikira abashyitsi, kuko bamwe bacumbikiye abashyitsi, bacumbikiye abamarayika batabizi.**

Mu biganiro byacu bya buri munsi, dushobora kuganira n'abamarayika tutabizi. Nuko, nk'abana b'Imana, ni iby'agaciro ko habaho itandukaniro mu myitwarire yacu n'iy'abandi batuye mu isi. Bibiliya iravuga muri 1 Petero 1:15, 'Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ariko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose.' Iki cyanditswe kitwereka ko twitezweho kugira ingeso z'ubumana mu mivugire yacu yose. Uko ugenda mu munsi wawe, yaba ku ishuri, muri kaminuza cyangwa mu kazi kawe, ugire imyitwarire y'ubumana; ntabwo uzi abo uganira nabo.

Aho tujya hose, tugomba kuba urugero rwiza, atari kubadakijijwe gusa ahubwo no mu bakristo mu magambo, mu biganiro, mu bikorwa by'urukundo,mu mwuka, no mu kwera. Ntukemerere amarangamutima yawe n'ibyo uri kunyuramo bigukikije bihihindura imyitwarire yawe; mubyo ukora byose, ujye uber urugero rwiza urungano rwawe kandi ube urumuri rw'aho utuye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umwana w'Imana; ngendera mumyitarire y'ubumana aho njya hose. Mbayeho ubuzima butandukanye kure cyane n'imigenzereze y'iy'isi. Uyu mwaka, nzabera urugero urungano rwanjye, mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 2:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 22-24



GoodNews DAILY



**Abaheburayo 2:8**
**Umuha gutwara ibintu byose ubishyira munsi y'ibirenge bye. Ubwo Imana yamuhaye gutwara ibintu byose, ntacyo yasize itakimuhayeho urutabe. Namara kugeza ubu ntiturabona ibintu byose bitwarwa na we.**

Mu mategeko, Imana yashyize ibintu byose munsi y'ubutware bw'abantu, ariko mu bunararibonye bwa muntu, ntabyo tubona! Abakristu baracyashegeshwe n'indwara n'ubukene, nyamara ibi sibyo Imana yateganyirije ubuzima bwacu! Hari ibishoboka bitabarika ku mwana w'Imana. Ufite imbaraga n'ubutware byo gusenya urukuta rwose ruri imbere yawe. iyatureho buri munsi ko ubutunzi bwawe, amagara, IBINTU BYOSE biri munsi y'ibirenge byawe! Bibiliya ivuga ko Imana yaduhaye ibintu byose bigendanye n'ubuzima n'ubumana. Uko umenya vuba ibi, ni ko ubuzima bwawe bwa buri munsi buzahinduka vuba.

Hari abantu muri Bibiliya banze kwihuza n'ibyo bari bari kunyuramo. Mose yari hagati y'Abanyegiputa n'Inyanja itukura; yagize ubwoba? OYA! Yanze kubona inkuta imbere ye, atandukanya amazi! Anga kubona igikuta icyo aricyo cyose cyashaka kwitambika gusohora k'ubuhanuzi bw'amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ibintu biri mu butware bwange. Ndi ibuye rinini risenya buri rukuta rumbuza kugenda! Ubuzima bwanjye buryohereye nk'ubuki, mw'Izina Rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 82:6-7

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 25-27



**Luke 1:37**
**Kuko hamwe n'Imana nta kidashoboka.**

Hari ibishoboka bitagira umupaka byashyiriweho abizera Imana. Bibiliya itubwira mu cyanditswe cyo haruguru ko ibintu byose bishoboka hamwe n'Imana! Ibi bivuze ko nta kintu Imana itakemura, nta mapfa itabereye igisubizo. Nk'Abakristu, dufite imbaraga zo guhangana n'amayeri n'imigambi y'umwanzi; kuko nta kintu gikomerera Imana!

Muri Bibiliya tubona ibitangaza bihambaye n'imirimo, abantu kuzurwa mu bapfuye, indwara gusohoka mu mibiri y'abantu, n'Inyanja zose zicibwamo kabiri. Nyamara, Yesu yavuze ko twe tuzakora ibirenze ibyo! Ibi bivuze ko nk'umwana w'Imana, ufite imbaraga zo kwatura gukira mu mubiri wawe n' ubutunzi mu buzima bwawe! Yesu yashyize imbaraga muri WOWE zo gukora buri kimwe cyose!

Bibiliya itubwira ko Yesu aduha Imbaraga zo gukora ibintu byose; imbaraga z'Imana zirahagije kugira ngo zuzuze intege nke zawe! Uko ukomeza urugendo rwawe muri Kristo, umenye ko nta mipaka iri mubyo ushobora kugeraho mu gihe wizeye muri uyu mwaka w'Amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Muri Kristo mpabwa imbaraga zo gukora ibintu byose. Muri uyu mwaka, ntihazaba umupaka kubyo nageraho! Ubuzima bwajyge ni bwiza cyane! Nzarenga ibyo urungano rwanjye runtekerezaho, kandi ubukire butumvikana buzirukanyira kuri njye kurusha uko ingwe yiruka mu Izina Rikomeye rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
Abafilipi 4:13

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 28-29



GoodNews DAILY



**Abagalatiya 5:24**
**Aba Kristo Yesu babambanye kamere, n'iruba n'irari byayo.**

Nk'abakristo ntabwo turi abacakara b'umubiri no kwifuza kwawo! Watandukanijwe n'iy'isi; ibi bisobanuye ko mu gihe isi iri kuba mu mapfa, wowe amapfa si umugabane wawe. Bibiliya ivuga ko tutagomba kwishushanya n'imigenzereze y'iyi si, bivuze ko aho isi ibona ibyago n'ibyorezo, twe tubona ubuzima n'ibitangaza!

Ijambo rivuga ko turi IMANA! Buri munsi, jya uhora wibwira mu bitekerezo byawe ko uri ikiremwa cy'umwuka kandi uri hejuru y'imiterere n'imikorera y'iyi si. Ibyifuzo by'isi ni ubusa! Anga kumvira amajwi avuga ibitandukanye n'Ijambo ry'Imana agusunikira gukora ikibi.

Nuhitamo kwicisha bugufi ku Mana ukarwanya Satani, azaguhunga! Bibiliya itubwira ko gutekereza ku by'umubiri ari ikizira ku Mana. Niyo mpamvu tubwirwa guhindura imitekerereze yacu! Uhamye neza nk'umukristo ko ibitekerezo byawe birinzwe n'ijambo ry'Imana. Ntiwemerere amajwi yo hanze kugusunikira cyangwa kugutwara mu nzira itari yo! Utekereza bidasa n'iby'abo mu isi. Ntabwo uri mu MUBIRI!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ntabwo ndi mu mubiri! Nabambye umubiri no kwifuza kwawo, mu Izina rya Yesu Rikomeye! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaroma 6:23

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Zaburi 30-32



**Matayo 10:31**
**Nuko ntimutinye, kuko muruta ibishwi byinshi.**

Ku Mana, abantu bamwe BARONGERWA! Nubwo ibyo byagutungura, gumana nange. Buri Mukristo ashobora kwiyongerera agaciro mu Bwami bw'Imana akaba udasimburwa mu maso y'Imana. Muri Bibiliya, Satani yavuze ko umugaragu w'Imana Yobu (umugabo w'ubutunzi bukomeye n'ubunyangamugayo) yakihakana Imana aramutse yambuwe ibyo yari atunze byose. Imana yemerera Satani kugerageza Yobu ariko imubuza gukora ku mubiri w'umwana Wayo mu buryo bwose. Nubwo Imana yabujije Satani kubabaza Yobu, yari yemerewe kumwambura no kwica ibyo yari atunze byari mu mirima ya Yobu.

Ibi byerekana ko Imana ifite ab'ingenzi kurusha abandi mu Bwami. Bibiliya itubwira ko iyo uri aw'agaciro ku Mana, uhinduka uwa mbere kuri Yo, kandi yatanga amahanga yose kugira ngo igukize!

Nk'umwana w'Imana, ushobora kongera agaciro kawe mu Bwami igihe ugira uruhare mu murimo w'Imana. Kwitabira gahunda n'ibikorwa bitandukanye by'itorero bishingiye ku guteza imbere Ubwami bw'Imana byakongera agaciro kawe. Waba uririmba, ukora isuku cyangwa ubyina, reka impano yawe ibere umugisha Ubwami bw'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpisemo kongera agaciro kanjye uyu munsi! Mfite AGACIRO ku MANA; nongera agaciro kadasubirwa mu Bwami, mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yesaya 43:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 33-35



**Zaburi 41:3**
**Uwiteka azamurinda amukize, kandi azahirwa ari mu isi, Kandi ntumuhe abanzi be kumugirira uko bashaka**

Umurongo wo haruguru utwereka uburyo Imana ishobora kugarurira abari ku bitanda byo kwa muganga ubuzima buzira umuze! Bibiliya itubwira ko mu mibyimba ya Yesu ari ho twakirijwe. Nk'Umukristo, ni ngombwa ko ubwira indwara ukayitegeka kuva mu mubiri wawe. Nk'uko kwizera kuzanwa no kumva, kumva Ijambo ry'Imana, ubwoba buzanwa no kumva, kumva amagambo ya satani.

Anga gutega amatwi ijwi ry'umushukanyi ahubwo utumbire Yesu Kristo. Ukwizera kwibanze guhakanya satani; nashaka kukubwira ko urwaye, wature gukira muri buri rugingo rwawe. Mu bikubaho byose, ujye ugumana ukwatura kwawe kwiza!

Ntabwo dufite imbaraga zo kwatura gukira mu mibiri yacu gusa, ahubwo no mu mibiri y'abandi bantu! Imana yahaye buri umwe mu bana bayo ubutware budasubirwa ku bintu byose bigendana n'ubuzima n'ubumana. Ugendere mu bitekerezo by'uko uburwayi budafite umwanya mu buzima bwawe n'ubwo mu muryango wawe. Uko uzasobanukirwa imbaraga uhabwa n'Imana hakiri kare, uburwayi ntayandi mahitamo buzaba bufite uretse gusohoka!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Uburwayi nta bubasha bufite ku buzima bwanjye! Mfite imbaraga zo kwirukana indwara mu mubiri wanjye. Ubuzima n'amagara yanjye BIRATANGAJE kandi bitemba amata n'ubuki, mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Petero 2:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 36-38



**1 Abatesalonike 5:17**
**Musenge ubudasiba.**

Nk'abana b'Imana Nzima, ugomba gusenga ubudasiba! Isengesho si byose, ariko bihindura ibintu byose! Gusenga ni ikoranabuhanga ryo kuvuganiramo na Data. Mu isengesho, dusubizwamo ingufu! Ahantu ho gusengera ni ahanhu ho kongera kubaho no kugarurirwamo imbaraga. Abagabo basenga bava mu buzima busanzwe bajya mu buzima bw'iteka! Abantu basenga bafite agaciro kadahakanwa mu Bwami bw'Imana.

Niyo mpamvu Bibiliya itubwira ko amaraso ya Abeli akirangurura ijwi ku Mana ndetse no mu rupfu. Abeli yari yarubatse uburebure mu Bwami binyuze mu masengesho ye bigera aho ijwi rye riguma ryumvikana ku Mana. Kora ibishoboka byose kugira ngo inzu yawe ihinduke inzu y'amasengesho. Amasengesho afite imbaraga zo guhindura ubuzima bwawe n'ubw'umuryango wawe. Menya neza ko iyo utangiye ikiganiro n'Umwami w'abami, isengesho rwawe ntakabuza igisubizo ba ari yego na amen na mbere y'uko utangira gusenga.

Niyo mpamvu guhora usenga udasiba ari iby'ingenzi mu kubaka ubusabane bwawe n'Imana. Muri Bibiliya, tubona abigishwa b'Imana baharira amasaha menshi mu munsi yabo gusenga no kuramya Imana; bivuze ko ari ngombwa cyane kubahiriza amasaha yagenewe gusenga mu itorero ryawe. Hirengagijwe ibiri kuba mu buzima bwawe, ushake umwanya uharira gusenga.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Hari imbaraga mu gusenga kwanjye! Isengesho ryanjye rihindura amazi yanduye mu buzima bwanjye kuba amata n'ubuki mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abafilipi 4:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 39-40



**Zaburi 133:1**
**Dorere, erega ni byiza ni iby'igikundiro, ko abavandimwe baturana bahuje!**

Nk'abakristo, tugomba gukorera hamwe, mu bumwe butanyeganyega! Isi ishishikajwe no kwigaragaza nk' ukomeye, uba mu idini runaka na politiki yo gushaka aho ubararizwa; iyi ni imyitwarire utakemerera ko yivanga mu rugendo rwawe n'Imana. tutitaye ku nkomoko cyangwa amateka y'umuntu, ujye wubaha mugenzi wawe mu cyubahiro.

Bibiliya itubwira ko mu gukundana, aribwo tumenywa nk'abakurikira Yesu Kristo. Genzura ko nta kintu na kimwe ukora giturutse mu kwikunda cyangwa kugambirira nabi ahubwo ukore ibintu byose uciye bugufi, wubashye abandi kuruta uko wiyubaha! Uri umurinzi w'umuvandimwe wawe! Igihe umuvandimwe wawe muri Kristo akeneye ubufasha, ibitekerezo byawe byambere bijye biba kumufasha mu buryo bwose bwiza ushoboye. Iyi niyo myitwarire twitezweho nk'abana b'Imana.

Itorero ni umwuzuro wa Kristo! Yesu agaragarira byuzuye mu Itorero Rye, ari naryo Mubiri We! Umwuzuro wa Kristo ugaragazwa kandi ukomerezwa mu Mubiri We mu Ijambo. Ibintu byose byerekeranye na Yesu biri mu Itorero Rye; ubwiza Bwe n' akamere ye biri mu Itorero Rye. Bivuze ko nk'umubiri wunze ubumwe, TWESE twarazwe imimetereere ya Kristo!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi UKEMURA ibibazo! Igihe hakenewe ubufasha, ndi IGISUBIZO. Ndeberera abavandimwe banjye mu Mwami, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abefeso 4:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 1-4



**Abefeso 3:19**
**Mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.**

Urukundo ni imbumbe y'akamere y'Imana; ni urukundo rwigize umuntu! Rero, muri Yesu harimo urukundo rurenze imitekerereze ya muntu. Bibiliya itubwira ko Imana yagukunze bituma itanga Umwana Wayo, Yesu Kristo, kugira ngo ubone ubugingo buhoraho. Mu gihe abo mw'isi bahinduranya ibyiyumviro byabo bitewe n'ibyo bari kunyuramo cyangwa ibikorwa waba wabakoreye, Imana isobonurwa nk'Itagira iherezo, bisobanuye ko nta kintu na kimwe cyagutandukanya n'urukundo rwa Kristo!

Igihe wakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe, Umwuka Wayo wahise ukuganza mu urukundo Rwe. Rero, nk'abakristo, ni ngombwa gukunda nk'uko So akunda. Uko utera imbere mu rugendo rwawe na Kristo, witoza gukunda bagenzi bawe bagukikije, uba nka So. Bibiliya itubwira ko urukundo rw'Imana rwasaze hose mu mitima yacu; rero, ntabwo bishoboka kudakunda nk'umukristo! Nk'imbuto y'urukundo, ugomba kurwerekana atari mu magambo gusa ahubwo no mu bikorwa. Muri iki icyumweru, hitamo kugendera mu rukundo rw'Imana!


## IJAMBO RYA GIHANUZI

**IMANA irankunda cyane! Mfite kamere nk'iya Data, mu Izina Rikomeye rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 4:7-8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 5-7

# WORKING TOGETHER AROUND THE WORLD TO DELIVER THE GOODNEWS OF JESUS CHRIST TO EVERY COUNTRY.



INDIA



RWANDA



GERMANY



FIJI



USA



UK

GoodNews DAILY



NIGERIA



FRANCE




ZIMBABWE



BELGIUM



JOHANNESBURG



AUSTRALIA

# AS COLD WATERS TO A THIRSTY SOUL, SO IS GOODNEWS FROM A FAR COUNTRY. (PROVERBS 25:25)

WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GOODNEWSDAILY



**Yeremiya 29:11**
**Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.**

Imana igufitiye imigambi myiza cyane! Menya ko nk'umwana w'Imana, ibyo ukeneye ubihabwa hakurikijwe ubutunzi bwayo mu bwiza bwe. Ibi bivuze ko gukena kudafite umwanya mu buzima bwawe. Ushobora kuba ubayeho ukennye, ariko menya ko nta mukristo waremewe kurwara, kugira agahinda cyangwa gukena. Umugambi w'Imana nuko uhirwa muri buri kintu cyose wiyemeje gukora. Anga gucumbikira cyangwa kwemera ubukene mu buzima bwawe no mu buzima bw'abo mu muryango wawe! Atura ko Imana yakuyeho ubukene bwawe igihe wabaga umukristo. Bwira ibyo uri kunyuramo uti, nta na kimwe nkennye!

Ibyiza byo gutunga biragaragara cyane! Mu itangiriro, ubukungu busobanurwa nk'amahema n'uruzitiro rw'uburinzi bw'Imana burinda umwanzi. Bibiliya ivuga ko nubwo hari ibyo Satani yagerageje gukora, ntiyari guhungabanya umugaragu w'Imana Yobu kubera uruzitiro rw'amafaranga rwari rumuzenguruttse we n'umuryango we. Komeza kwatura ibyiza gusa ku buzima n'amafaranga byawe. Uko usobanukirwa ubukire bwawe buri muri Kristo hakiri kare, ni ko uruzitiro rw'uburinzi ruzihutira kuza rukugote!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite AMAFARANGA MENSHI! Nkurura ubutunzi buhambaye kandi butagira umupaka bw' amafaranga. Imana yahaye umugisha imirimo y'amabako yanjye! AMAFARANGA AJE KURI NJYE NK'AMATA N'UBUKI NONAHA! Icyubahiro n'icy'Imana!**

**IBINDI BYANDITWE**
Umubwiriza 7:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 8-10



**Yohana 4:35**
**Mbese ntimuvuga ngo 'Hasigaye amezi ane isarura rigasohora?' Dore ndababwira, nimwubure amaso murebe imirima yuko imaze kwera ngo isarurwe.**

Kuzana abantu kuri Kristo biroroshye! Yesu yasubije guhakana kose gushoboka ko kuzana abantu kuri Kristo bikomeye. Ikibazo n'uko Abakristo basomye ibyanditswe byo kuvuga kuzana abantu kuri Kristo ariko ntibafata umwanya wo gutekereza byimbitse ku cyo Imana yavuze. Yesu (urenze mu gutsinda ubugingo bwa benshi) yasobanukiwe urukundo Abayuda bagiriraga ubuhinzi abikoresha nk'urufatiro rw'inyigisho Ze.

Kugira ngo wumve neza ikibazo cyabajijwe mu murongo twasomye uyu munsi, ugomba gusobanukirwa ko bifata amezi ane kugira ngo ingano zibe zeze neza mbere yo gusarurwa n'umuhinzi, kandi Imana ikoresha imvugo yayo ifite icyo igamije, izi abo iri kubwira.

Ubu ngubu nturi umuhinzi! Niyo mpamvu atari inshingano zawe guhinga ubutaka kugira ngo uzane ubugingo kuri Kristo. Ibyo byakozwe n'Imana! Ibi bikuraho kuvuga ko kuzana ubugingo kuri Kristo bigoye. Abatekereza gutya bibeshya biha inshingano y'umuhinzi kandi iyo ari iy'Imana Yonyine! Kuba uzana benshi kuri Kristo ni ukwemera uruhare rw'Imana nk'umuhinzi muri byo! Ibisarurwa biriteguye kugira ngo wowe uzane benshi kuri Kristo UYU MUNSI!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi UTSINDA UBUGINGO BWA BENSHI KURI KRISTO! Kuzana ubugingo kuri Kristo byarorohejwe ku bwanjye. Ibisarurwa BIRITEGUYE! Haleluya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Imigani 11:30

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 11-13



**Imigani 18:21**
**Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, abarukunda bazatungwa nicyo ruzana.**

Amagambo yawe afite imbaraga! Kuva mu Itangiriro kugeza mu Byahishuwe, Imana ntiyigeze ikora ikintu kigaragara; icyo yakoze gusa ni ukuvuga! No mu irema, Imana igaragara ivuga! Nk'abana Bayo twahawe ubwo bushobozi bwo kurema nka Yesu mu magambo yacu. Bibiliya ivuga ko amagambo uvuga ari umwuka kandi akaba n'ubuzima. Ijambo 'ubuzima' mu mwimerere waryo ni 'zõe', bisobanuye ubuzima nk'ubwo Imana ifite, cyangwa mu yandi magambo Ubuzima buha Imana imbaraga! Niyo mpamvu amagambo uvuga adashobora gupfa! Nuvuga ngo 'Ndakennye', ayo magambo azagendagenda, ashakisha uburyo bwo kubishyira mu bikorwa!

Akanwa kawe ni uruganda rw'imyuka. Icyo uvuga cyose kiri gushakisha uburyo cyakemeza ibyo uvuga ku buzima bwawe. Bibiliya ivuga ko ibyo uvuga bitazasubirayo ubusa, ahubwo ko bizasohoza icyo wabitumye gukora; rero, nuvuga amagambo ngo, AMAFARANGA ARAJE, bizakubera nk'uko wabyatuye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite imbaraga mu magambo yanjye! Mpisemo kuvuga ibyiza gusa mu buzima bwange, nirengagije ibiri kuba; umubiri wanjye ni MUZIMA, ndi UMUTUNZI w'igitangaza mu Bwami bw'Imana, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yesaya 55:11

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 14-15



**Abaheburayo 11:1**
**Ubu kwizera ni ishingiro ry'ibintu byiringirwa, ibimenyetso by'ibintu bitagaragara.**

Bitandukanye nibyo benshi bemera, kwizera ni ibya ako kanya! Ibyanditswe bivuga ngo: 'Ubu kwizera ni,' bivuze ko udashobora gukoresha kwizera kw'ejo hashize. Nubwo kwizera kugenda kwiyongera, kugendana n'ikigero cyawe cya none. Uri gukora iki ubu? Ukomeje gukomera kucyo kwizera icyo aricyo kandi ukurikiza amategeko yako? Ijambo 'ibintu' mu bisobanuro by'umwimerere risobanurwa hypóstasis, bisobanura imiterere cyangwa ukuri shingiro gushyigikira ibindi byose.

Kwizera gukora nk'icyemezo fatizo kubyo ushaka kubona kandi ni igihamya n'ishingiro ry'ukwemera kwawe. Nk'umukirisito, wavukiye mu kwizera ariko ugomba kwiga uburyo bwo kubigeraho. Bibiliya ivuga ko kwizera kuzanwa no kumva, kumva Ijambo ry'Imana. Rero, kugirango ubone kwizera, ugomba kwihata Ijambo buri munsi! Witabire amateraniro nkuko bikwiye kandi unasome Ijambo ry'Imana kugira ngo kwizera gukusanyirizwe muri wowe.

Byongeye kandi, Bibiliya itubwira ko tuyobowe no kwizera, tutayoborwa n'ibyo tureba, bivuze ko kwizera kugomba kuba gukora neza utitaye kubyo uri kunyuramo. Iyo ugendeye mu kwizera, ubukene ntibushobora kugufata, kandi nta burwayi bukomeye buhagije bwo kukugirira nabi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpisemo kugendera mu kwizera muri buri gice cy'ubuzima bwanjye! Uko nakira Ijambo ry'Imana buri munsi, ukwizera kuri kwiyongera muri njye, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yakobo 2:26

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Abalewi 16-18



**2 Abakorinto 12:4**
**yazamuwe akajyanwa muri Paradiso akumva ibitavugwa, ibyo umuntu adakwiriye kuvuga.**

Hari ikirere runaka abantu bamwe bashobora kwakirira ukubaho kw'Imana bakarenga abantu basanzwe. Ushobora kubaruta mu buhanuzi cyangwa mu gukiza abarwayi, ariko mu maso ya Data, ni abadasanzwe mu mwuka! Pawulo asobanura ibyamubayeho mu Ijuru avuga ko yumvise amagambo adakwiriye kuvuga. . Abo ni abasanzwe mu mwuka. bumva amabanga y'indi si!

Hariho ibirere bishobora guhishurwa gusa binyuze mu munwa w'umuntu udasanzwe mu mwuka! Nubwo batubahwa muri rubanda, bubahwa n'Imana. Aba bagabo n'abagore ni ibimenyetso byerekana ko Imana ibaho binyuze m'ubukristo bwonyine!

Imana yahinduye abakozi bayo bishashi by'umuriro! Ikibanze cyo kuba udasanzwe mu mwuka ni umuriro. Ibi bivuze ko impamvu abanzi bawe bananiwe kukurimbura nuko babura umuriro! Umuriro w'Imana ubyarwa no kugirana ibiganiro n'Umwami w'abami no gufata umwanya wo gusoma Ijambo ryayo. Tekereza imbaraga wagira uramutse umenye ko hari umuriro ukenewe muri wowe, kandi niwakira umuriro w'Imana muri wowe, uzaba umuntu udasanzwe mu mwuka!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite umuriro w'Imana muri njye! Ubuzima bwanjye ni icyapa kiyobora kuri Kristo! Ntunze ukubaho kw'Imana muri njye mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaheburayo 1:7

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Abalewi 19-21



**Zaburi 105:15**
**Ati, Ntimukore kubasizwe banjye, ntimugire nabi abahanuzi banjye.**

Ukuri kwi iby'umwuka gushingiye kubushobozi bwawe bwo kumva amavuta! Hari uburyo runaka buri mu jenerali n'uwaka mu mwuka abasha kumenya amavuta. Abantu benshi ntibazi ko hariho ikintu nko kumva amavuta. Kubera iyi mpamvu, gutsindwa kwinshi mu buzima bwawe bishobora guterwa no kutamenya amavuta y'abantu Imana yohereje kugufasha.

Mu gihe ukomeje urugendo rwawe muri Kristo, ni ngombwa ko wubaha kandi ukamenya amavuta ari kubo Imana yagushyiriyeho kandi ikabaha ubutware kuri wowe. Muri Bibiliya, tubona umudayimoni uhatirwa kubwiriza igihe Pawulo yagendaga kubera imbaraga zikomeye intumwa yari afite muri we. Ibi bivuze ko satani ashobora no guhumurirwa, gukoraho no kumva amavuta.

Anga kwemera ko amagambo y'abandi ategeka ubuzima bwawe! Cyane cyane niba ayo magambo atandukanye n'ibyo Imana ivuga ku buzima bwawe. Bishobora gusa nk'aho shobuja, mwarimu, cyangwa mugenzi wawe agufashe nabi kubw'impamvu zitazwi, ariko ni ukubera ko babangamiwe no gusigwa bumva muri wowe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpisemo kumenya abo Imana yohereje kumfasha! Nahawe umwuka wo gushishoza; Ntabwo nzishingikiriza umuntu numwe kugirango numve amavuta y'Imana, mwizina rya Yesu rikomeye!**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Yohana 2:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Abalewi 22-23



**Yohana 3:16**
**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.**

Niki cyatumye Imana iva mwijuru kugirango ikubabarire? Kuki yanyura mu nzira yo gushaka umubiri w'umuntu, guhinduka urusoro, gutegereza amezi icyenda gusa kugira ngo akure hanyuma amaherezo apfe ku musaraba, maze ababarire abana be. Ujya ugenzura ko Imana yafashe akamero k'umugaragu yikuraho ubumana kugira ngo ishobore kuza hano kukubabarira!

Ni ukubera iki satani atarihana kugeza magingo aya, nyamara asobanurwa nk'umuntu wuzuza igiteranyo cy'ubwenge, muyandi magambo, ikiremwa gifite ubwenge bwinshi. Uratekereza rwose ko satani atigeze abara ibyo yatakaje kugeza ubu? Impamvu yabyo nuko imyuka idashobora kubabarira! Mu maso y'imyuka, imbabazi zishobora gusohora gusa iyo urupfu rubaye. Niyo mpamvu Imana yagombaga kohereza Umwana wayo, Yesu Kristo, kugira ngo agupfire ubone kubabarirwa!

Urebye muri Bibiliya ibitekerezo bya satani nibyo byamuteye gukurwa mw'ijuru. Ntiyigeze akora cyangwa ngo ashyire mu bikorwa ibyo yatekerezaga! Satani arakwanga kuko ucumura buri munsi, ariko Imana igakomeza kugukunda no kukubabarira!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nababariwe ibyaha byanjye byose; Imana yohereje Umwana wayo kugirango mbabarirwe mbeho ubuzima butembamo Amata n'Ubuki, Imana ihabwe icyubahiro. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 86:5

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 24-25



**2 Timoteyo 3:16**
**Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka**

Ifaranga n'amafaranga ni ibintu bibiri bitandukanye. Ifaranga ripima agaciro ko kuvunja mu gihe amafaranga ari ububiko bw'ifaranga. Uyu munsi, amafaranga ntabwo ashyigikiwe n'ikintu icyo aricyo cyose. Icyahoze ari ifaranga ryakoreshejwe ku isi yose (idorari) rikomeje guta gaciro! Ibi bivuze ko amafaranga ashobora gutegekwa no kugenzurwa n'imbaraga z'amagambo yawe! Umukristo wese yahawe umurage w'ubumana muri Kristo Yesu, bivuze nk'umwana w'Imana, ubukene nta mahitamo bufite uretse gusohoka!

Ifaranga rigomba kuba ryoroshye, riramba kandi rigabanywa. Iyo wongereye agaciro kawe, amafaranga menshi aza kwemeza ako gaciro. Uje wita mu gusoma Ijambo ry'Imana, nk'uko Bibiliya ivuga ko gusoma Ijambo bigira umumaro mu bice byose by'ubuzima bwawe. Imana ni Imana ikuba; ntishobora gukuba ikintu na kimwe na zeru. Ugomba kwiha agaciro muri wowe kugira ngo Imana igukoreshe kandi ikwagure. Hitamo kwihuza n'abantu muhuje imitekerereze badakuraho ahubwo bongera agaciro mu buzima bwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amafaranga araje kuri njye! Amafaranga yanjye azagwira cyane! Abansuzuguye, bazaza kunsaba Amata n'Ubuki bitemba mu buzima bwanjye, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yohana 10:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Abalewi 26-27



**Yohana 14:30**
**Sinkivugana namwe byinshi, kuko umutware w'ab'y'isi aza, kandi ntacyo amfiteho.**

Ikibazo cy'abantu ku isi muri iki gihe nuko batamenya ko umuntu wese asohora ingufu! Nta kuntu abadayimoni bakwinjira mu buzima bwawe keretse iyo wohereje ikintu kibakurura. Yesu yabonye satani ahita avuga ngo ntakiwe kiri muri We! Mu yandi magambo, umuntu ashobora kuvuga ko ibitero bimwe bya satani biterwa n'imico ye abayamubonye asohora.

Abahanga mu bya siyansi baherutse kubona ko urumuri n'ibifatika bifitanye isano, nkuko udashobora kugira urumuri udafite ibifatika n'ibifatika ntiwabigira nta rumuri. Iki gitekerezo cy'ibitera n'ingaruka' byerakana ko impamvu ari uko umeze ari ingaruka z'ibintu bibiri bifitanye isano kandi bigasubiza kimwe ku kindi.

Impamvu Imana idusaba kwera nuko kwera guhagarika ugusohora kose gushobora gukurura satani! Nk'umwana w'Imana, anga kwakira ibiranga satani mu buzima bwawe. Ntukemere indwara, ubukene cyangwa uburakari. Reka umuhamagaro wawe ugusunikire kandi uyobore ubuzima bwawe kugirango ibyo usohora bibe kure aho satani atagera!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nta mico nimwe iranga satani mfite muri njye! Ngaragaza ineza y'Imana mubyo nkora byose; Ndi uwera kandi nashyizwe ku ruhande. Umuhamagaro wanjye niwo ntumbero yanjye gusa, mu izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaroma 8:29

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 1-2



**Abagalatiya 2:20**
**Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.**

Nk'umwana w'Imana, wabambanywe na Kristo! Mu gihe wapfuye k'umubiri, ntubaho, ahubwo Kristo abaho kandi ahumeka binyuze muri wowe. Ibi bisobanuye ko Bibiliya iri kuvuga ko iyo bakubonye baba babonye Kristo! Iyo Umaze gusobanukirwa uku kuri ukagendana nako nk'ukuri kwawe muri Kristo, ntiwakora amakosa! Ntakintu cyitwa uburwayi cyangwa ubukene kubera ko Yesu ntahangana n'uburwayi cyangwa ubukene. Abapfuye k'umubiri ntibita kubyo abandi bantu batekereza cyangwa bavuga!

Iyo ubayeho ubuzima bw'uwababambwe, ugomba kubamba umubiri buri munsi! Umubiri ufite ibyifuzo byawo ugomba gutwika; ica ibyifuzo byumubiri mbere yuko bikwica. Nkumukirisito, Imana yakuremye kandi igushyiraho kugirango umenye neza uko Kristo ameze. Gendana iyi mitekerereze, kandi uzakora ibikorwa bikomeye mu bwami bw'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbaho ubuzima bw'uwabambwe! Napfuye ku mubiri kandi ndiho muri Yesu Kristo! NTA burwayi bushobora kundimbura. Ibyifuzo byose by'umubiri byarashyinguwe, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaroma 8:13

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 3-4



GoodNews DAILY



**Mariko 16:17**
**Kandi ibi bimenyetso bizakurikira abizera; Bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye; Bazavuga indimi nshya.**

Buri mukristo wese yahawe imbaraga zo kuba umuhanga wo gusenya abadayimoni! Mu gihe Imana yaduhaye imbaraga zo kwirukana abadayimoni mu izina ryayo, abakristo bamwe baracyababazwa n'indwara zitandukanye n'ibibazo. Impamvu yabyo ishobora kwitirirwa abakristo benshi bakoresha izina ry'Imana ariko ntibakoresha imiterere yayo. Ijambo 'izina' mu busobanuro byaryo by'umwimerere ni ónoma, bisobanura imiterere.

Bibiliya ivuga abahungu barindwi b'umutambyi mukuru w'Abayahudi bagerageza kwirukana umudayimoni mu izina rya Yesu birananirana! Ntabwo bari bafite kamere ya Yesu kugira ngo bashyigikire ibyo bavuga. Ntuzagwe mu mayeri ya satani cyangwa ngo umwemerere kwinjira mu buzima bwawe, kuko Bibiliya ivuga ko Imana yaguhaye imbaraga hejuru y'imbaraga mbi zose n'imbaraga zo gukandagira inzoka. Hitamo kugendera mu mitere ya Kristo mu byo ukora byose. Tyaza ubwenge bwawe mu Ijambo ry'Imana kugira ngo urusheho kumera nka Kristo. Iyo ugendera mu mitere ya Yesu, ntakintu na kimwe cyakugirira nabi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi UMUHANGA MU GUSENYA ABADAYIMONI! Amayeri ya satani ntazangirira nabi cyangwa ngo anjijishe. Nanze uburwayi; Mfite imbaraga zo gutsinda ikintu cyose kandi nta kintu kizambabaza mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Luka 10:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 5-6



**Abaheburayo 12:22**
**Ariko wageze ku musozi wa Siyoni, mu mujyi w'Imana nzima, Yerusalemu yo mu ijuru, no ku bihumbi n'ibihumbi by'abamarayika.**

Iyo amaso yawe adafunguye mu mwuka, wemerera ibibazo byinshi kwinjira mu buzima bwawe. Nk'umukristo, kubona abamarayika bigomba kuba ibintu bisanzwe buri gihe mu buzima bwawe! Iyo witegereje imikorere y'ijisho, ubasha kubona bigendey ku rumuri tugaruka ruvuye kucyo warebaga noneho bikinjira muri cornea (agahu ko hanze kabonerana gitwikira ijisho). Ingano y'umucyo yongerwa n'imboni. Hanyuma, ikimenyetso cyohereza kuri sensor zirenga miliyoni 125 muri retina, bikagufasha kubona. Tekereza gusa ko kugirango ubone binshingiye gusa ku mucyo winjira mumaso yawe!

Bibiliya itubwira ukwinjira kw'Ijambo ry'Imana gutanga umucyo. Ibi bivuze ko kugirango ubone abamarayika, ugomba gusoma ibyanditswe byerekeye abamarayika kugirango urumuri rw'abamarayika rwinjire kugirango ubabone! Imana yaremye abamarayika kugirango bagufashe! Nuhora wemerera urumuri rw'abamarayika ku kwinjiramo, kubona abamarayika bizaba ibintu bya buri munsi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbona abamarayika aho njya hose! Uko mpagaze aha nonaha, hari abamarayika batabarika bari kumwe nanjye! Uko nsoma Bibiliya yanjye, umucyo uri kunyinjiramo, mu Izina rya Yesu! Haleluya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 119:130

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 7



**Ibyahishuwe 1:10**
**Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka, inyuma yanjye numva ijwi rirenga nk'iry'impanda**

Ntibishoboka kuba mu mwuka utagira ibiganiro bwawe n'Imana . Hariho abakristo benshi batari kumva ijwi ryImana, bakoresha nabi amagambo yabo, ijwi ryabo, n' ibitekerezo byabo kugira ngo babe 'ijwi ry'Imana.' Uzasanga iyo basabye akazi ntibakabahe, bavuga ko bitari ubushake bw'Imana ngo babone ako kazi, bakabona akazi noneho bakavuga ngo ni Ubushake bw'Imanna! Bibiliya itubwira ko Ubwami bw'Imana butazanwa no kwitegereza. Kuba ibintu bimwe bisa nk'uburyo runaka ntibisobanura ko Imana yavuze cyangwa itavuze.Iga kuyoborwa n'Umwuka w'Imana. Iga kugendera no gukorera mu Mwuka.

Ntukabe nk'abahanura iyerekwa ryabo n'ibyifuzo byabo aho guhanura iyerekwa n'inzozi z'Imana. Ufite umurimo mu buzima bwawe ugomba kwitaho cyane. Rero ntukayoborwe n'amajwi y'abandi, cyane cyane ab'isi. Witoze kumvira ijwi ry'Umwuka w'Imana, kandi wemerere Imana ikubere umushoferi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Numva ijwi ry'Umwuka w'Imana; nta kibazo gishobora kuntesha umutwe! Icyemezo cyose mfata kiyobowe rwose na ry'Umwuka w'Imana. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 143:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 8-9



**1 Yohana 5:4**
**kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.**

Buri mu Kristo wese akwiye kugendera mu bitekerezo by'ubutsinzi. Igitekerezo cyo gutsindwa kigomba kuba kure y'intekerezo byawe. Umuntu ufite intwaro ikomeye kw'isi kandi atazi kuyikoresha ni umunyantege nke ku isi. Uku niko abana benshi b'Imana bameze, nyamara wamaze kunesha iyisi!

Bibiliya ivuga ko tutayobewe ibikoresho bya satani. Nta bubasha na bumwe afite kuri wowe nk'umwana w'Uwiteka. Nta ntwaro ifite imbaraga zo kukurimbura yigeze ikorwa cyangwa izigera ikorwa! Uri umwana w'UMWAMI!

Icyo wanyuramo cyose uyu munsi, hariho umuti mw'Ijambo ry'Imana! Abakurwanya bose barwana urugamba rwo gutsindwa. Wagizwe umutsinzi muri Kristo; nk'umwana w'Imana, intsinzi ni umurage wawe! Reka gutsindwa kube igitekerezo udashobora gutekereza! Gira imitekerereze y'ubutsinzi, imitekerereze yo kubona amata n'ubuki mu byo ukora byose, uzabona uko ubuzima bwawe buzahinduka rwose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umutsinzi muri Kristo Yesu! Urupfu, uburwayi cyangwa ikindi gikoresho icyo aricyo cyose cya satani nta ngaruka kizangiraho cyangwa umuryango wanjye! Muri uyu mwaka nzabona ubutsinzi budasanzwe mu izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITWE**
Gutegeka kwa kabiri 20:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Kubara 10-11



**Yohana 10:34**
**Yesu arabasubiza ati “Ntibyanditswe mu mategeko yanyu ngo ‘Navuze ngo: Muri imana’?**

Imana ivugana n’imana lyi niyo mpamvu Imana yagumye icecetse; nta wundi muntu yari ifite wo kuvugana na yo. . Ndetse iyo urebye imana y’iyi si (satani), mu Itangiriro ryose, ntitumubona avuga kugeza abonye Adamu! Ibi bivuze ko kubaho kwa Adamu kwari kwigana byuzuye Imana! Mu gihe utangiye kwibira byimbitse muri Kristo, ugomba kureba uwo wemerera kukugeraho. Menya neza ko abagukikije basobanukiwe urwego rwo guhishurirwa wafashe n’urugendo byagusabye mu mwuka kugira ngo ugere aho uri.

Nk’imana, ugomba gusobanukirwa uwo uriwe! Ku isi muri iki gihe, abantu bajya mu irimbi bakahasanga imva z’abayisilamu, Abahindu n’Abakristo bose iruhande rw’undi. Impamvu yabyo nuko abakristo benshi batarasobanukirwa abo ari bo muri Kristo! Abakristo ni imana, kubw’ibyo, ntibagomba gupfa nk’abantu basanzwe. Inyoni zibyara inyoni, intare zikabyara intare! Uri umwana w’Imana isumba byose; uri imana!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi Imana yihishe mu muntu! Navutse ku Mana rero urupfu ntirufite umwanya mu buzima bwanjye! Nta kintu kizampagarika uyu mwaka! Haleluya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 82:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy’uyumunsi: Kubara 12-13



**Abaroma 1:1**
**Pawulo, imbata ya Yesu Kristo wahamagariwe kuba intumwa kandi watoranirijwe ubutumwa bwiza bw' Imana.**

Mu bihe bya kera muri Isirayeli, hashize imyaka irindwi, umucakara yabaga yemerewe umudendezo. Ariko, iyo umucakara yahitagamo kuguma mu nzu ya shebuja ntamusige ngo ajye kubaho ubuzima bwe bwite, bamupfumuraga ku gutwi, agakomeza gukorera mu nzu ya shebuja "nk'IMBATA". Rero, Pawulo ari kuvuga ko yiyemeje gukorera Kristo by'iteka nta gahato.

Pawulo aravuga ngo, nari imbohe yahawe umudendezo wo gusiga Databuja, ariko kuberako Databuja ari mwiza kuri njye, sinamusiga. Niyemeje n'ibyanjye byose kumukorera! Ni bangahe muri twe bavuga ko ibi ari ukuri kwabo nta buryarya: Nditeguye n'ibyange byose gukorera Umwami Yesu; ngiye kumukorera nta gahato ahubwo mbishaka kandi mbyishimiye? Kugiraneza bw'Imana kuduha imbaraga kandi buhoraho butitaye ku ntege nke zacu. Wifate nk' IMBATA yo mu ruzabibu rwe!.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nongeye guha ubuzima bwanjye Yesu, Umwami, Umutware n'Umucunguzi. Nguhaye ibyanjye byose, Mwami, niteguye gukoreshwa nk'intorezo yo kuzana impinduka muri ibi bihe bya nyuma, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Abakorinto 1:1

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 14-15; Zaburi 90



GoodNews DAILY



**Itangiriro 1:2**
**Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi.**

Ibyanditswe bitwereka ko isi uko tuyizi ubu yari idafite "ishusho" kandi irimo "ubusa" kuva mu itangiriro. Ubusa hano buvuze kutagira ikintu, nk'ahantu hadatuwe hadashobora no kwera ikintu. Igihe umwuka w'Imana 'yagendagendaga', mu nzandiko z'igiheburayo ni 'racaph', bisobanuye kuguma mu bitekerezo by'ikiri buvemo. Yari ihari gusa nyuma hari icyavutse gishya. Umwuka Wera wari utwite igitekerezo, maze uza kuvuga uti "RUMURI BAHO", maze habaho urumuri.

Kubundikirwa k'umwuka kugira amahame iyo ushaka ko ingaruka ziba uko uzishaka. Imihindagurikire mu bushyuhe ihindura cyane ibizavamo. Rero, iyo kubundikira k'umwuka kuri kuba, tangira uzamure urwego rw'imyitwarire yawe, ukomeze ubuzima bwawe bw'amasengesho, wongere urugero rwo kuramya Imana maze ubone ubuzima bwawe buba ubudasanzwe. Kubundikirwa k'umwuka kwihutisha imikurire yawe y'umwuka bikubaka ubushobozi bwawe bwo mu mwuka. Rero wongere ubusabane na Mwuka Wera kugira ngo bigutere imbaraga zo kubaho mu buzima bushya butangaje.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ubwoko bushya! Nabyawe n'Umwuka, kandi nta cyampagarika mu kuzuza umugambi nahawe n'Imana. Kurabagirana k'ubuzima bwanjye kuzamurikira ibinkikije ku bw'ikuzo ry'Imana. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
2 Abakorinto 4:6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 16-17



**Yesaya 54:17**
**Ariko nta ntwaro baciriye kukurwanya izagira icyo igutwara, kandi ururimi rwose ruzaguhagurukira kukuburanya uzarutsinda. Ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka, kandi uko niko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi." Niko Uwiteka avuga.**

Uyu munsi, ndatura kandi ndategeka Ijambo ry'Imana nkuko ryanditse muri Yesaya 54:11-17. "Yewe urengana, ugahungabanywa n'inkubi y'umuyaga ntuhumurizwe: amabuye yawe nzayateraho amabara meza, imfatiro zawe nzazishingisha safiro, iminara yawe nzayubakisha amabuye abengerana, kandi urugabano rwawe nzarushingisha amabuye anezeza. Abana bawe bose bazigishwa n'Uwiteka- Mbega umwarimu mwiza w'abana bawe!

Uzakomezwano gukiranuka, agahato kazakuba kure kuko utazatinya, uzaba kure y'ibiteye ubwoba kuko bitazakwegera! Ahari bazaterana ariko singe uzaba ubateranije, uzagukoraniraho wese azagwa ari wowe azize.

Dore ninjye urema umucuzi uvugutira umuriro w'amakara agakuramo icyuma akoresha umuriro we, kandi umurimbuzi namuremeye kurimbura. Ariko nta ntwaro yagira icyo igutwara yari yacurwa. Uzakurega mu rukiko wese azitwa umunyabinyoma. Ibi ni byo abagaragu b'Imana bateganyirijwe. Nzatuma byose biguhindukira ibyiza" Niko Imana ivuga.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye bwujujwe intsinzi; sinzatsindwa! Imana yabivuze, umuhanuzi yabyumvise, ibyo birahagije! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Daniyeli 3:26

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 18-20



**Ibyakozwe n'intumwa 12:9**
**Arasohoka aramukurikira, ariko ntiyamenya ibyo marayika akoze ko ari iby'ukuri, ahubwo agira ngo abirose mu nzozi.**

Petero gukurwa mu nzu y'imbohe kwari ukwitambika kwera kwakozwe n'umumarayika. Igitangaje, igihe yari ari gukurwa mu nzu y'imbohe, Petero ntiyarari kwizera ibiri kuba. Ahubwo, mu gushaka kwiyumvisha ihuzwa ry'ibisanzwe n'ibidasanzwe byaho kwinjirira no gusohokera yasoje avuga ko ari inzozi, yanga kwemera ukuri ko yasohotse mu nzu y'imbohe.

Uyu munsi, ndatura kuri icyo kibazo cy'ubugumba mu rushako rwawe, mu mafaranga yawe, mu kazi kawe, mu murimo w'Imana, ko igihe cyo kubohoka ari iki! Nkuko Petero byamugendekeye, bizasa nk'inzozi kuri wowe kubera ko bizaba byoroheje kandi byihuse cyane ku buryo ibitekerezo byawe bizaba iby'ubusa. Iki gitangaza natuye kuri wowe nonaha kirenze intekerezo za muntu: ubutunzi bwawe buri gusunikwa buva mu isi y'umwuka, amafaranga yawe agiye kugaragara, kandi ubuhamya bwawe bw'ubuzima butemba amata n'ubuki buzagutangaza. Ukuri gushya ko gutunga byinshi kubaye impamo. Ntabwo ari inzozi; ibi ni ibishya ugiye kubona muri Kristo. Ubuzima bw'imbohe burarangiye, ntibuzagusura ukundi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi igihangano cy'umwimerere cy'Imana, ndemwe bitangaje ngo ngaragaze ubwiza bwe n'icyubahiro cye. Ibingira umwami biri kwigaragaza. Ibihome by'ubukene birashenywe aka kanya mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 126:1

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 21-22



**Yesaya 43:18**
**Ibya kera ntimubyibuke, kandi ibyashize mwe kubyitaho.**

Imbuto zo gutera zose ziba zifite agahu inyuma iyo ziterwa mu butaka, aho mu munsi y'ubutaka, urubuto rushyingurwamo, icyo ni igihe cy'urwo rubuto. Ariko, no muri icyo gihe haba hari undi mubiri uri ku rubuto. Umukristo ntagomba gutekereza ko bamwibagiwe! Ushobora kumva waragiye munsi y'umutwaro w'ibibazo ku buryobisa nkaho umumaro wawe wibagiranye, ubumenyi bwawe bwatabwe, abo mwari muziranye bakwiciyeho, ubutunzi bwawe budahari n'umuryango wawe uri gusenyuka. Ibibazo byawe brgerekeranye kimwe ku kindi, kandi bisa nkaho nta nzira ihari yo kubisohokamo!

Nkuzaniye inkuru nziza uyu mwanya: nturi wenyine; ntabwo wibagiranye. Nk'urubuto rushyinguwe mu butaka, ni igihe gusarunaka kiba gikenewe kugira ngo urwo rubuto rukure maze rugaragaze ubushya butangaza abarunyuraho bose rukanashimisha Umuhinzi. Umucyo urakurasiye utitaye ku bihe byawe by'umwijima. Kuko Imana iriho, umuryango wawe ntuzasenyuka, ubucuruzi bwa ntibuzahomba, kandi ubwo burwayi ntibuzakwica. Igihe cyawe cyo kwera no kuzamuka ni iki! Uzahamya ko ubuzima bw'amata n'ubuki ari bwo uri kubamo koko muri uyu mwaka; Ishime Iteka!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mu bigeragezo, ukwizera Imana kwanjye ntikuzagabanuka. Ndi umutsinzi kurushaho; intsinzi ikurikirana n'indi, ntsinda buri cyose kiza mu nzira yanjye! Icyubahiro ni icya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
**2 Abakorinto 5:17**

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 23-25



**Yakobo 1:24**
**Amaze kwireba akagenda, uwo mwanya akiyibagirwa uko asa.**

Uburyo abakristo bagaragaza ibyo batekereza n'aho bahagaze rimwe na rimwe biba biyoberanye. Bavuga ibintu nk' "Imana iri kungerageza, niyo mpamvu ndimo guca mu bigoye", cyangwa ngo "Imana iri kumpanisha kubabara umutwe". Ibi ni ibinyoma! Nta buryo Imana yahabwa icyubahiro mu gutsindwa kwawe! Nta kuntu Imana yakwigisha isomo ikoresheje uburwayi; oya, iyi si Imana. Imana ntijya ikoresha ibikoresho bya satani ngo yigishe abana bayo amasomo. Imana ntiri kukwigisha isomo mu kukugumisha ibintu bibi mu buzima bwawe, oya! Imana ntabwo ikoresha amayeri ya satani ngo igere ku mugambi wayo.

Ni wowe wenyine ufite inshingano zo kugena ibihe byawe. Ntabwo hagomba kuba umuntu cyangwa ikintu uhora kudatera imbere kwawe mu buzima! Kwitekerezaho ni ngombwa. Ibaze, Ni gute ndi gukoresha igihe cyanjye? Ese ntanga icya cumi buri gihe? Ese ndioza nkanahozaho mu buzima bwanjye bwo gusenga? Ese mfata Ijambo ry'Imana uko bikwiriye? Nutangira gukora ibitandukanye n'uko wabikoraga, ibisubuzo bidasanzwe bizatangira kukugaragarira; tangira witoze uyu munsi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ikoranabuhanga ry'Imana, ikiremwa gishya kitigeze kubaho mbere. Ntabwo ncika intege cyangwa ngo mbivemo, nifitiye icyizere ko nzatanga ubuhamya vuba aha! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Luka 1:66

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 26-27



**Abefeso 1:3**
**Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'Umwuka yo mu ijuru.**

Icyanditswe cy'uyu munsi kirimo gusobanukirwa "imigisha yose y'Umwuka". Imana mu mbaraga zayo, yahisemo kudusukaho imigisha yose y'Umwuka muri Yesu! Ndavuga Uwicaye mu rusange rwiwe gusa yafashe icyemezo cyo kuduha "Imigisha yose y'Umwuka" muri Kristo! Ubitekerejeho, Imana, mu kugirira bose neza, yiyemeje kuduha umugisha ititaye ku ntege nke zacu no kudatungana kwacu! Niyo mpamvu mvuga ntabwo Imana ntiyakurakariye; ahubwo igikunda byasaze!

Ikintu kimwe ntekereza ko mumaze kumva nuko: Ubuzima ni ubwo mu Mwuka! Rero, igihe Imana yahisemo kuduha Imigisha yose y'Umwuka, yerekanye kugira neza kwayo kuri twe ku rwego rudasanzwe. Iyo ufite Kristo, uba ufite Imigisha yose y'Umwuka, atari imwe n'imwe ahubwo yose. Kubara 23:20 habivuga neza gutya "Dore nategetswe kubahesha umugisha, Na Yo yawubahaye simbasha kuwukura." Ibyo bavuga byose cyangwa batekereza kuri wowe nta mumaro bizagira. Icyo Imana yakuvuzeho nicyo gihabwa intebe. Yavuze ko uyu mwaka uzakubera uw'Amata n'ubuki; ibyo bikemuye impaka!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpawe umugisha kandi ndi umutoni; sinirengagizwa. Ubuzima bwanjye ni ubuzima bw'umunezero n'amahoro, burusha agaciro marijani. Uzankoraho wese, azarangira!**

**IBINDI BYANDITWE**
2 Abakorinto 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 28-30



**Yohana 6:63**
**Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri ntacyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo.**

Ukeneye kode y'imibare ibiri kugira ngo uganire mu isi y'Umwuka. Imyuka ntabwo ivuga indimi usanzwe uzi nk'Igiswayili, Icyongereza, Igifaransa cyangwa Ikidage. Imyuka iganira mu marenga no muri kode. Hariho ibyiciro by'indimi, zimwe uzisengamo, nk'uri kurashisha imbunda nini n'ibisasu bya kirimbuzi mu isi y'Umwuka, bigatera impagarara mu birindiro by'Umwanzi. Wibone nk'inzu ivamo ingufu z'amashanyarazi, umuturirwa w'imbaraga washyiriweho guhosha ibitero by'umwanzi.

Umwanzi akomeza kukubuza amahwemo kuko utekereza ko uri umunyantege nke n'umuntu woroheje. Haguruka, ufate intwaro zawe zibitse mu ndimi zawe, maze utangire gutera no gusenya ukoresheje indimi z'urufaya. Uyu ni umwanya w'intambara. Muri uyu mwaka w'amata n'ubuki amahoro yawe asanwe, ubutunzi bwawe bukugarukire ndetse n'inzu yawe isubire ku murongo. Sunika indimi zawe ku rundi rwego; ntuhagarare kugeza igihe ugaruje ibyo wari waranyazwe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ururimi rwanjye ni ikaramu y'umwanditsi witeguye kwandika. Ijwi ryange rizohereza imirindi inyeganyeza ibirindiro by'umwanzi. Ndi umuntu umwe ukoze igisirikare; nzanyaga amahanga. Uyu mwaka, nzava mu butsinzi njya mu butsinzi mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yohana 5:21

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 31-32



**Yohana 6:68**
**Simoni Petero aramusubiza ati "Databuja, twajya kuri nde, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo buhoraho.**

Iyi mvugo yakozwe na Simoni Petero ivuze ibintu byinshi. Simoni Petero n'abandi bigishwa bari barakoze ubushakashatsi bwimbitse babona ko: Yesu gusa ariwe ufite "amagambo y'ubugingo buhoraho". Yohana 1:1 haravuga ngo, "Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi yari Imana." Umurongo wa 14 w'icyo gice uravuga ngo "Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye Ubuntu n'ukuri." Yesu ni JAMBO wigaragaje nk'umuntu!

Emera ko Yesu ari Imana, rero amagambo Imana ivuga ahoraho. Ibyo ni ihame! Yesu avuga muri Mariko 13:31, Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato." Amagambo ya Yesu ahoraho kandi azatsinda ikigeragezo! Iyo ufite amagambo y'ubugingo buhoraho niyo agutwara, indwara zizaguhunga. Nuvuga, konti yawe ya banki nk'ikiremwa izagusubiza. Icyo utwaye muri wowe gihoraho kandi kirakomeye kandi gikeneye kugaragara mu buzima bwawe bwa buri munsi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima w'iteka n'ubumana biba muri njye; rero ngendana imbaraga. Iyo mvuze, ngaragaza ubutware. Ubuzima bwanjye ni ubuzima budasanzwe; ikirere cyanjye ni icy'ibitangaza n'ibimenyetso.**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 16:16

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 33-34



**Zaburi 92:12**
**Umukiranutsi azashisha nk'umukindo, azashyirwa hejuru nk'umwerezi w'i Lebanoni.**

Urabona, Gushisha k'umukiranutsi kugereranywa n'umukindo. Hari ikintu kidasanzwe ku mukindo kugira ngo ube ugereranywa n'umukiranutsi. Hari imiterere y'umukindo tugomba kugaragaza. Umukindo uragororotse kandi urakomeye ku buryo utatwarwa n'umuyaga mwinshi! Umukindo ushobora guhengamira imbere, inyuma, no ku mpande mu nkubi y'umuyaga kugeza aho ushobora kuvunika. Ariko nyuma y'umuyaga, umukindo uba ugihagaze wemye kandi ushikamye.

Ikigereranyo cy'umukindo n'umukiranutsi – Umukristo – nkuko bigaragazwa mu cyandistwe cy'uyu munsi si impanuka. Mu bigeragezo , umukristo yitezweho guhagarara yemye. Mu bibazo by'ubuzima, nk'imiyaga y'ubuzima, umukristo ntagomba kugwa agomba guhagarara ashikamye ku Ijambo ry'Imana, ashoye imizi mu kwizera. 2 Abakorinto 4:8-9 haravuga ngo, "Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose." Urabisohokamo nkuko amata n'ubuki bitemba!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye buzaba igitangaza! Umuyaga nurangira, nzagumya guhagarara nemye. Ubuzima bwanjye buhishwe muri Kristo; sinatsindwa, sinzajya hasi, nzahagarara nemye kugira ngo mvuge Ijambo ry'Imana! Haleluya!**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kubara 35-36



**1 Abatesalonike 4:16**
**Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka.**

Dufite inyungu idasanzwe iyo bigeze ku gukora umurimo w'Imana kubera ihishurirwa twahawe n'Imana. Ni umusogongero w'ubwiza bw'Imana. Iki cyanditswe kirasobanutse, ariko ntekereza ko nkwiye kugisobanura byimbitse. Umwami, kuri uwo munsi, ubwo azamanuka ava mu ijuru, azarangurura n'ijwi rya Marayika ukomeye. Abapfiriye muri Kristo bazazuka mbere nibumva impanda ya nyuma. Ibi bivuze ko ijwi rya marayika ukomeye ari ryo gusa rishobora kumvwa n'abapfuye bikabazura!

Akenshi natura ngo "n'ijwi rya marayika ukomeye", kuko amajwi aratandukanye, kandi abagabo n'abagore b'Imana baratandukanye. Hari ugukururwa k'Umwuka ku kujyana ku kubababaye n'abakennye. Uyu munsi, ndavuga n'ijwi rya marayika ukomeye kuri iyo nda itabyara, kuri urwo rushako rwasenyutse, kuri ubwo bucuruzi bwapfuye, kuri konti ya banki yapfuye ngo bizuke nonaha kandi bitangire kwera imbuto no gutanga umusaruro. Gupfa kwirukanywe mu buzima bwawe nonaha!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijwi ryanjye rizategeka imiyoboro yo mu kirere, kandi n'ijwi ryanjye, amafaranga azanyumva neza. Ndatura kandi ndategeka ko ntazakena undi munsi mu buzima bwanjye! Haleluya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 24:31

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 1-2



**Zaburi 82:5**
**Abo mbwiye nta cyo bazi, nta cyo bamenya, bagendagendaga mu mwijima, imfatiro zose z'isi ziranyenganyega.**

Umwe mu bagabo bakomeye ariko wrengagizwa muri Bibiliya ni Adamu! Kugwa kwa Adamu byateje impagarara mu ijuru kugeza naho isanzure, imikorere y'isi, ukwezi n'inyenyeri byavuye mu murongo byakoreragamo. Bibiliya itubwira ko Yesu ari Adamu wa nyuma: "uko ni ko byanditswe ngo "Umuntu wa mbere ari we Adamu yabaye ubugingo buzima", naho Adamu wa nyuma yabaye umwuka utanga ubugingo." (1 Abakorinto 15:45,). Ese uratekereza ko Adamu wa mbere nta mbaraga yari afite? Oya!

Mu busitani bwa Edeni, Adamu yakuraga amakuru ku giti, uyu munsi, dukura n'imiti ku biti. Amafaranga akorwa mu mpapuro, ziva mu biti. Rero iyaba Adamu yarariye bwa mbere ku giti cy'ubugingo, muntu ntiyari kuba arwara! Ubutware bwa Adamu no gutegeka burenze cyane ubusanzwe. Adamu yatakaje ubutware bwe igihe yagwaga, ariko Adamu wanyuma, Yesu Kristo, yatugaruriye ubwo butware. Ubu ushobora kubwira ibigukikije n'ahantu uri, kandi ntibigre andi mahitamo uretse kumvira bigatanga impinduka!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nagaruwe mu butware muri Kristo. Mvuga amagambo arema, ntwaye imimerere y'umubiri w'Imana, ndi uw'i bwami, kandi ibiremwa biri munsi yanjye. Nzakomera, kandi gutsinda nibyo nkora! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 11:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 3-4



**Ibyahishuwe 4:7**
**Ikizima cya mbere cyasaga n'intare, icya kabiri gisa n'ikimasa, icya gatatu cyari gifite mu maso hasa n'ah'umuntu, naho icya kane cyasaga n'ikizu kiguruka.**

Kimwe mu bizima bine kicaraga gikikije intebe y'Imana cyari gifite mu maso h'umuntu. Rero, mu by'ukuri umuntu yari kumwe n'Imana mbere y'iremwa rya Adamu, ariko itegereze itandukaniro: Imana yaravuze ngo ka tureme "umuntu mu ishusho yacu". Ibi bitumenyesha ko Adamu nk'umuntu waremwe mu ishusho y'Imana yaremwe bitandukanye n'ikiremwa cyari gifite mu maso h'umuntu. Imana yaturemye mu ishusho yayo dufite umwuka, ubugingo n'umubiri. Umubiri wavuye mu mukungugu, rero kamere n'umubiri birarikira iby'isi.

Igihe satani yashukaga Eva ngo arye ku giti cyabujijwe, yoheje n'umugabo ngo aryeho na we, umuvumo washyizwe ku nzoka ko izarya umukungugu (Itangiriro 3:14). Gusa, twese tuzi ko inzoka itarya umukungugu. Nonese niki uwo "mukungugu" usobanuye koko? Werekana kamere. Umwanzi atera kamere, rero ni iby'igiciro ko ugaburira umwuka wawe buri munsi Ijambo ry'Imana kugira ngo uneshe irari ry'umubiri. Komeza guhamya amata n'ubuki no mu buzima bwawe bw'umwuka kandi bizasohora!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi gukura mu mwuka wanjye kubera Ijambo ry'Imana. Nubatse ibirindiro bindinda ibitero by'umwanzi. Mfite ibinkomeza by'umwuka bituma umwanzi ahunga mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Ezekiyeli 1:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 5-7



GoodNews DAILY



**Mariko 10:27**
**Yesu arabitegereza, maze arababwira ati, Ku bantu ntibishoboka, ariko ku Mana birashoboka, kuko nta kinanira Imana.**

Hariho ibishoboka bitagira akagero mu isi y'umwuka. Iyo Bibiliya ivuze ko ibintu byose bishoboka hamwe n'Imana, biba bishatse kuvuga "byose"! Nta mwihariko uhari iyo bigeze ku bishoboka hamwe n'Imana. Menya ko ibintu byinshi mu mwuka bitigishwa ahubwo bicakirwa! Ikintu kimwe cy'ingenzi ugomba kumenya uyu munsi nuko kugera ku bintu by'umwuka bisaba ikinyabiziga. Ibinyabiziga bimwe bishobora kuba abantu! Ahantu hadukikije hamwe na hamwe hitwa ibinyabiziga kuko hagusunikira ahantu ahazaza hawe hazabyarwa.

Nubona ikinyabiziga cyawe, uzavanwa ahantu hamwe ujye ahandi hanyuma ubone iterambere mu buzima bwawe. Nuhitamo ikinyabiziga gikwiye, uzazamuka kandi wizihizwe. Ibigeragezo bimwe bituma uzamuka, mu buryo butari buteganyijwe, kandi bikubera ikinyabiziga kigutwara ku rundi rwego. Icyo kigeragezo wise igifungo cyahungabanije urushako rwawe, amafaranga, umurimo w'Imana, cyangwa abana bawe ni ikinyabiziga kizakugeza mu nzu y'ubwami bwawe. Ntutinye, komeza ukinyuremo.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndikugendera ku muyaga w'amagare, imiduruvango ishobora guturuka inyuma, ariko ni ibinsunikishanya imbaraga zizangeza aho nkwiriye kugera byihuse kandi vuba. Ibintu byose bikorera hamwe kunzanira ibyiza! Icyubahiro ni icy'Imana**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 19:26

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 8-10



**2 Abami 2:11**
**Bakigenda baganira haboneka igare ry'umuriro n'amafarashi y'umuriro, birabatandukanya. Nuko Eliya ajyanwa mu ijuru muri serwakira.**

Mbere y'icyanditswe cy'uyu munsi, Umuhanuzi Eliya yavuye i Gilugali yerekera i Beteli yerekeza i Yeriko asoreza urugendo rwe Yorodani, aho yagiriye mu Ijuru muri serwakira. Yavuye ahantu hamwe ajya ahandi kugeza igihe yaboneye ikirere cyuzuye ibyiyumviro n'imikorere byakora nk'irembo rimwinjiza mu kindi kirere cy'umwuka. Hari ibirere bigusunika mu Mwuka kugira ngo ugere kuri byinshi. Ibirere mu Mwuka byashyizeho urwego rwo ku kujyanwa ku rundi rwego.

Mu kirere gikwiye ibitangaza biragaragara, kandi gukira indwara kubaho. Ugomba gusobanukirwa ko ibirere bikomezwa n'ibikorwa by'umwuka bifite ububasha bwo guhindura ahazaza hawe. Hariho abantu bafite ikirere gifite ububasha bwo guhindura ubuzima bwawe ubuziraherezo. Inshingano zawe ni ugushaka ibirere kuko iyo uhuye nabyo, konti yawe ya banki igomba guhinduka, urushako rwawe rugomba guhinduka, umuryango wawe ugomba guhinduka, kandi nubabona, uzabahe agaciro!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ninjiye mu kirere cya nyacyo kugira ngo nakire igitangaza cyanjye, kandi ntabwo ndibuhave amaramasa. Ubwenge bwanjye burakangutse, kandi umutima wanjye witeguye kwakira. Ubuzima bwanjye bugomba guhinduka uyu munsi, kandi nzatanga ubuhamya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Itangiriro 5:24

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 11-13



GoodNews DAILY



**Matayo 7:25**
**Imvura iragwa, imivu iratemba, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinzwe ku rutare.**

Bibiliya ivuga ko hariho imvura, imyuzure, imigezi ndetse n'imiyaga - byose byerekana impinduka z'ubuzima – byose byikubita ku nzu. Inzu ivugwa muri iki cyanditswe ni wowe. Yego, wowe uri gusoma iri jambo. Ibuka, uri urusengero rw'Imana. Ibyo rero umwanzi afite ari kubigutera. Ushobora kuba udafite akazi, ndetse n'urushako rwawe rushobora kuba ruri guhura n'ikigeragezo gikomeye kurusha ikindi gihe. Nk'ugenda ku mugozi, ibi byose bishobora kuba biri kubera igihe kimwe, ariko ntuhangayike!.

Imihengeri y'ubuzima iza kukurwanya hagamijwe gusa kugerageza urufatiro rwawe! Inkuru nziza nuko, nk'abakristu, Kristo ni we rufatiro rwacu. Niba urufatiro ari Kristo, gumya wizere, ntabwo uzicwa n'icyo kibazo, uri kukinyuramo! Ntabwo utegereje kubona urumuri kumpera y'ubuvumo, oya. Winjiye muri ubwo buvumo nk'urumuri, kuko uri umucyo w'isi. Menya neza ko ikibazo cyawe gifite itariki kizarangiriraho, ntuzagumamo.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mpagaze ku rutare rukomeye ari rwo Kristo. Ntabwo ntwarwa n'ikirere cy'umuyaga. Uko ubukana bw'umuyaga bwa bungana kose, ntabwo nzajya hasi, nzaguma mpagaze! Haleluya!**

**IBINDI BYANDITWE**
Imigani 10:25

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Gutegeka kwa kabiri 14-16



**2 Amateka 20:20**
**Bukeye bwaho bazinduka kare mu gitondo, barasohoka bajya mu butayu bw'i Tekowa. Bagisohoka Yehoshafati arahagarara aravuga ati "Nimunyumve yemwe Bayuda namwe abatuye i Yerusalemu, mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza."**

Uku kwatura kwizera Imana n'abahanuzi bayo ni ingenzi cyane ku intsinzi y'ubuzima. Imana ntabwo irangaje imbere kuzana benshi kuri Kristo. Oh, hari unyeganyeze kuko imyizerere ye ari aha yari ishingiye, ariko umva, amahame ntagendera ku byiyumviro. Icyo Imana ishaka kurusha ibindi ni ukwizerwa. Ni icyo gusa! Hindura imitekerereze yawe, izere, kandi ufate Imana nk'itava ku ijambo, nibwo inyubako yawe izahagarara nkurufatiro rukomeye.

Igishimishije, Imana ihuza iterambere ryawe no kwizera abahanuzi bayo. Igikomeye ni uko Imana ari Imana y'amahame na gahunda. Amosi 3:7 haravuga ngo "Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo." Imana yubaha ijambo ryayo kandi itwigisha gusobanukirwa ko ikorera ku isi ikoresheje umunwa wayo, umuhanuzi, kandi mu kwizera gusa umuhanuzi wayo, ubutunzi bwawe burashinganye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nasubijwe mu mwanya wo kwinjira mu butunzi bwanjye kandi mbayeho ubuzima bwiza uko nizera amagambo y'Umuhanuzi w'Imana. Ni ukuri mfite umugisha wo kugira umuhanuzi. Ijambo ry'Imana ntiribeshya; muri uyu mwaka w'amata n'ubuki gutunga kwanjye ni ubu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yeremiya 38:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 17-20



**Yohana 10:10**
**Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.**

Abantu bamwe bafata kwigisha ijambo ry'Imana nk'igice gisanzwe mu materaniro, ukumva ko ari umubwiriza wigisha Ijambo ry'Imana nk'umugenzo! Ariko, ntabwo ariko biri. Iyo umukozi w'Imana ageze ku gatuti, ibyo ubona ni ibigaragara, ariko ukuri mu isi y'umwuka biratandukanye! Amagambo arekurwa ntabwo ari amagambo y'ubusa cyangwa asanzwe, oya. Aba imbunda zangiza ibintu mu nkambi y'abanzi.

Pawulo yaravuze mu 1 Abakorinto 15:31, "Ndabarahira yuko mpora mpfa uko bukeye, mbiterwa n'ishema mfite ku bwanyu muri Kristo Yesu Umwami wacu." Pawulo avuga ko ubushobozi bwo gupfa mu gihe tubwiriza Ubutumwa bwiza ari bwinshi. Kwigisha Ijambo ry'Imana bishobora guteza urupfu, ariko mu isi y'umwuka, abadayimoni bari kurira. Iyi ni imwe mu mpamvu abakristo bafite inshingano zo gusengera abakozi b'Imana ahantu hose uko byagenda kose. Umugambi wa satani urasenya, kandi agomba guhanwa!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfashe amaboko y'umukozi w'Imana wanjye. Nifatanije n'umubwirizabutumwa wanjye guhana satani; amagambo mvuga ni ubuzima n'Umwuka. Umwanzi ari mu bibazo nonaha kuko ndi kuvuga kandi nsenga! Haleluya!**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaheburayo 7:25

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 21-23



**Itangiriro 26:3**
**Uzagume muri icyo gihugu, nzaba ndi kumwe nawe kandi nguhe umugisha. Kuko wowe n'urubyaro rwawe nzabaha ibi bihugu byose, kandi nkazakomeza indahiro narahiriye so Abrahamu;**

Birasekeje ko umuntu yavuga ngo Imana ntigira uruhare mu iterambere! Iyo twatuye ubuzima butemba Amata n'ubuki ntabwo babiha agaciro. Nyamara, bamwe mu bakristo batagambiriye ikibi bizera ko iyo ubayeho ubuzima buciriritse, busabiriza ntacyo bafite, byerekana kwicisha bugufi kandi ko itike ibajyana mu ijuru baba bayibonye! Nta buryarya baba bafite ariko baba bibeshya cyane! Ndetse abakristo bamwe bizera ko iyo uteye imbere, ubwenge bwawe n'ubumenyi bwawe bibitera, ariko Imana ntiba iri muri iryo hurizo.

Niba uri umukristo, ugomba kumenya ko Aburahamu, Data wo Kwizera, uwo Imana yavuganye nawe yeruye iti, "Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha." (Itangiriro 12:2). Niba wizera ko Imana yabwiye aya magambo Aburahamu, menya ko Imana itishimira ubukene. Ahubwo, yishimira ubutunzi bw'umugaragu wayo (Zaburi 35:27). Uhawe umugisha kugira ngo ubere benshi umugisha!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubutunzi ni izina ryanjye rya Kabiri. Ndi icyicaro cy'Imana; sinabaho ubuzima bufite icyo bubuze kandi bwifuza kuko umurage wanjye ari uw'Imana. Aho nzajya hose, nzakomeza kuba umugisha, Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Itangiriro 13:15

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 24-27



GoodNews DAILY



**2 Timoteyo 2:15**
**Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.**

Mu minsi ya kera, nigeze kuzana mu rugo igitabo naguze kivuga ku mafaranga. Nasobanuriye umugore wanjye uburyo iki gitabo kizatugira abakire! Namubwiye ko tuzagira inshuro miliyoni kuyo natanze ku gitabo bitewe n'urwego rw'ubumenyi bubonwa mu kugisoma! Ibyanditswe bitubwira mu Migani 4:7, "Ubwenge muri byose nibwo ngenzi; Nuko rero shaka ubwenge ndetse nibyo utunze byoseubishakishe ubuhanga" Ni ngombwa ko usoma ibitabo n'ibindi bikoresho bikungahaza mu mwuka no gusobanukirwa.

Abakristo bamwe batonda umurongo muremure bategereje kugura icupa ry'amavuta yo gusiga aho gushora mu bitabo n'ibindi bikoresho bizubaka ubushobozi n'ubumenyi. Nubwo ntahakana ko amavuta yo gusigwa ari kimwe mu bitwara gusigwa k'umuntu, ubumenyi buva mu bitabo bukusanya kandi bukongera imyumvire yawe y'uko wakwitwara mu buzima ugatsinda. Ntuzirengagize kwiga Ijambo ry'Imana n'ibindi birimo ubumenyi bw'umwuka ubisimbuze icupa ry'amavuta yo gusigwa. Buri kimwe kigira umumaro wacyo mu kukubaka kubw'iterambere ry'Ubwami.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nubakiwe gutsinda ibihugu binyuze mu bumenyi. Ntabwo ndi umuntu usanzwe; Mfite ubwenge buva mu ijuru. Ijambo ry'Imana riri muri njye rimpa ugusobanukirwa no gukemura ibibazo by'ubuzima.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abaheburayo 4:11

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 28-29



**Ezayi 54:2**
**Ngaho agūra ihema utuyemo, ryagūre ribe rigari, wikwita ku byo uzaritangaho, rega imigozi y'ihema ryawe, shimangira imambo zaryo;**

Rimwe na rimwe, ugomba gutwita ikintu gishyashya kugira ngo uhindure imirire. Niba nta kintu kigusunikira kuva mu mwanya warusanzwe umenyereye, ntuzategereze ikintu gishya kubaho. Iyo umugore atwite, haba impinduka zimwe na zimwe mu byo yakundaga kurya bitagaragaraga mu busanzwe kugeza atwite. Iyo bibaye, sobanukirwa ko atari umugore uri gusaba ibiryo atarasanzwe arya, imyambarire mishya, amacumbi mashya, umutekano mushya w'ubukungu, oya. Hari Ikintu gisunika icyo cyifuzo, kandi ni icyo atwite!

Iyo ibigukikije bisa nkaho bikubangamiye, ikinyabiziga cyawe ntabwo kiba kigihagije kuri wowe ukundi, akabati k'imyenda yawe gahinduka gato, imyambarire yawe igusaba guhindurwa, nibindi., rero umenya ko ari igihe cyo gutemba kw'amata n'ubuki. Iyo Imana iri kukuzamura ku rundi rwego, umwanya wari urimo ntuba ukiguhagije, guharanira impinduka biba icyemezo ntakuka. Ugusunikwa guturuka muri wowe ntabwo ari ukwawe ahubwo ni umuhamagaro uzanwa n'icyo utwite kigusunikira kwagura imbago zawe ukabyara ikintu gishya kizabera umugisha imbyaro zizaza!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nditeguye, ndi ku muriro wo gukorera Imana bidasanzwe. Ndi kubyara ikintu gishya kuzatungisha urubyaro rwanjye. Mfite umuhamagaro ukomeye kandi niteguye kwigarurira uduce dushya kubwa Yesu! Haleluya.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yesaya 26:15

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 30-31



**Zaburi 41:9**
**Kandi inshuti yanjye y'amagara nizeraga nagaburiraga, ni yo imbanguriye umugeri**

Ibigeragezo byinshi by'ubuzima ndetse n'ibibazo bituruka ku mpamvu utatekereza. Dawidi yiganyiriye mu cyanditswe cyo hejuru kubyerekeye inkomoko y'ibibazo bye: inshuti zebasangiye. Mu iherezo, uwo Dawidi yafataga nk' "inshuti" niwe wamubanguriye umugeri! Iyi nshuti yazanye ubwibone no kwirata kandi yifata nkaho akomeye cyane kandi mu byukuri, ntacyo ari cyo. Ubuhemu bubi umuntu ashobora kugira ni abo ufata nk'inshuti kugutera ibyuma mu mugongo.

Naje kwemeza ko ubuzima buba ari bwiza nta nshuti. Inshuti zimwe ni inshuti zitegereje kuba abanzi! Bamwe bashobora kuvuga ngo ni inshuti yanjye magara, ariko nyuma y'imyaka ibiri, agahinduka umwanzi wawe mubi! Suzuma ubucuti bwawe kugira ngo umenye abazagumana nawe muri byinshi no muri bicye. Ndagusengera ngo uyu munsi Imana iguhe ubushishozi bwo kumenye vuba abo bantu bagukikije, niba bahari kubw'impamvu, izatuma bagumana nawe, cyangwa niba ari ab'igihe runaka, kugirango bagende vuba badateje ibikomere ku hazaza hawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkikijwe n'abamarayika. Uburyarya bw'umwanzi wishushanya nk'inshuti ntibuzabaho! Ubuntu bw'Imana bumbereye ingabo inkingira; ubuzima bwanjye burarinzwe muri Kristo! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Luka 22:21

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 32-34, Zaburi 91



**1 Abakorinto 12:10**
**Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi,**

Abakristo bari kuba muri ibi bihe ni bo bakomeye cyane ariko nibo banyantege nke kandi. Twahawe intwaro zikomeye Imana ifite mu bubiko bwayo, impano zaratanzwe, ariko kunanirwa gukoresha intwaro bivamo kubaho mu buzima buciriritse no gutsindwa! Twagakwiye kuba turi abanyembaraga cyane, ariko ikibabaje, ubukristo bwahinduwe ingengabitekerezo. Igihe kirageze kugira ngo abakristo bakoresha amajwi yabo no kurangurura kwa marayika ukomeye kugira ngo bareme amakuru nyayo arema kode zibyara kwigaragaza kw'igitangaza!
Rimwe na rimwe, Abakristo basenga amasaha menshi badahagarara. Nyamara, fagitire zabo zikaguma zitishyuwe, ubushomeri bukomeza gutinda iwawe, ndetse n'inkunga y'amafaranga ashyigikira umurimo w'Imana igahinduka amahitamo! Imbaraga zo kuganza zamaze gushyirwa muri wowe. Ikibura ni uguhuza kode nyazo kugira ngo zitange ibisubizo. Rya ku ifunguro ry'Ijambo ry'Imana kandi witere doze y'isengesho, biherekejwe ni kwiyiriza kugira ngo wice kamere maze wumve neza iby'Umwuka Wera. Noneho, nutegeka n'ijwi rya marayika ukomeye, icyifuzo cyawe ntikizigera cyangwa.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Natura iby'umwuka; natura amata n'ubuki; natura ubuzima. Kumva kwanjye mu isi y'umwuka kuzamuwe mu nzego zo hejuru cyane. Ndatura kandi ndategeka ko ibifatika by'umwuka bizigaragara kubw'ubwiza bw'Imana! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Mariko 16:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 1-4



GoodNews DAILY



**Umubwiriza 10:19**
**Ibirori bigirirwa gusetsa, kandi vino inezeza ubugingo, kandi ifeza ni yo isubiza ibintu byose.**

Ijambo ry'Imana rivuga rishimangira ko udashobora gukeza abami babiri; wakunda umwe ukanga undi. Imana ishyira amafaranga mu ishusho y'umutware, imana, bivuze ko amafaranga agenga ibintu. Nusobanukirwa ko Imana iguha amafaranga nk'umukozi, umucungamari, Umutware mukuru wayaguhaye agusaba ko uyakoresha umugambi We, ntagushidikanya.

Andi ibi ahantu: amafaranga ni ikigo cy'imikorere mu isi y'umwuka. Amafaranga ari mu ishakoshi cyangwa mu ikofi yawe ntabwo afite ubumenyi bw'uko ari ayawe. Amafaranga arirata, rero amafaranga ashobora gutwarwa n'umutware gusa! Amafaranga ni ikintu cy'umwuka, kandi aba ashaka kuramywa! Urukundo rw'amafaranga ni umuzi w'ibibi byose, rero sobanukirwa ko iyo urukundo rwawe rwerekeje ku Mana, ibintu byose utunze bizaba ibyayo, harimo n'amafaranga yawe. Ntazakuboyora! Iyo amafaranga azi ko wayahaye undi mutware – Imana – amafaranga azakubaha kandi aze agusanga!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzi icyo gukoresha amafaraga; ntabwo azanyobora. Nzashyikiriza amafaranga nk'umunyago ku Mutware wanjye Umwami Yesu. Iyo mvuze, amafaranga aranyumvira akabyara amata n'ubuki mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 6:24

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 5-8



**Ezayi 43:1**
**Ariko noneho Uwiteka wakuremye wowe Yakobo, kandi akakubumba wowe Isirayeli, aravuga ati "Witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye.**

Iyo umuhamagaro wawe uhamagaye, nta bisobanuro uba ufite ku bintu bimwe biba ku buzima bwawe. Ushobora kwisanga mu murimo w'Imana ariko udashobora gusobanura neza impamvu uhari. Bibiliya ivuga ko Yohana Umubatiza yari mu butayu. Nta Instagram, WhatsApp, YouTube, cyangwa televiziyo byari bihari. Nyamara, ijwi rya Yohana ryararanguruwe mu butayu, maze abantu bo mu mujyi baza guteranira mu butayu kumva inyigisho ze. Iyo umuhamagaro uhamagaye, intera ntigutangira, aho uhagaze mu kerekezo urimo ntihitabwaho n'ibyiciro by'ubudehe ntibihabwa agaciro.

Ikintu cyonyine cyumvikana mu mwuka wawe iyo umuhamagaro uhamagaye n'ijwi ry'uwo uhamagariwa gukorera. Imana ikoresha abantu kugira ngo ihindure ahazaza habenshi, ni ngombwa rero kumenya uwo Imana yashyize mu buzima bwawe kugira ngo ahindure ahazaza hawe. Imana ntikora ibintu byumvikana mu nekerezo za muntu; ahubwo ikora ibyo kwizerwa. Iyo Imana igiye kuguha umugisha, ikohereza umuntu, kandi ni inshingano zawe kumenya uwo muntu uwo ari we. Imana yaguhamagaye kubw'impamvu. Ha umuhamagaro wawe agaciro; ni ahazaza hawe harimo kuguhamagara!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ahazaza hanjye hari gufunguka. Nzi ko natoranyirijwe gutangaza Inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana muri ibi bihe bya nyuma mu butoni kand ntabwoba. Hallelujah. Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Zaburi 100:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 9-11



**1 Yohana 2:17**
**Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose.**

Ibisaguka n'ubuzima burengeye ubusanzwe bifatwa nk'ubuzima bwa nyuma y'ubukire. Abantu kw'isi bafatwa nk'abatunzi babayeho ubuzima bwa nyuma y'ubukire, nyamara barya imboga n'imbuto kandi ntibita ku kwambara imyenda y'imideli ihenze. Ubuzima bwa nyuma y'ubukire ntibushishikazwa cyangwa ngo bushake kubaho nk'undi muntu. Ntabwo uzi imitego, kuzamuka no kumanuka by'umuntu "wageze " ahantu runaka mu buzima, none kuki wagerageza kwigana ubuzima bwabo?

Igana iby'umwuka, atari ibigaragara. Ubuto bushobora kuguhumya amaso, kandi imyumvire ikakwangiza, bigatuma utumva ugushaka kwa Mwuka Wera. Iga kubaho ubuzima buyobowe n'Umwuka, buri mu ishusho y'ubuzima bwa nyuma y'ubukire. Ntuzashake ibintu bifite ubushobozi bwo kukurimbura. Uri umujenerari uri gukorwa, rero ntugashyirweho igitutu n'abantu, sosiyete, cyangwa amatsinda y'urungano. Uri umwana w'Umwami, rero ubukire, icyubahiro, kumenyekana n'ubutunzi byose ni ibyawe! Washyiriweho gukomera kandi uzatunganirwa kandi were imbuto!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mba hejuru kandi kure y'ibyo mpura nabyo. Ndi isoko y'ubufasha ku bigo n'amahanga. Mbaho ubuzima bw'umwuzuro w'ubuntu, urakoze Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
1 Abakorinto 7:31

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 12-15



**1 Timoteyo 6:16**
**Ni yo yonyine ifite kudapfa, iba mu mucyo utegerwa: nta muntu wigeze kuyireba kandi nta wabasha kuyireba. Icyubahiro n'ubutware budashira bibe ibyayo, Amen.**

Iyo Bibiliya ivuga 'ukuboko k'Uwiteka' cyangwa 'urutoki rw'Imana', ntabwo iba ivuga amaboko cyangwa intoki bisanzwe ahubwo ni ikirere cy'Imana. Abafeso 4:10 haravuga ngo, "Uwamanutse ni we wazamutse ajya hejuru y'amajuru yose, kugira ngo asohoze byose." Nanone, Itangiriro 1:1 haravuga ngo, "Mu ntangiriro, Imana yaremye ijuru n'isi." Niba Imana ishobora kurema Ijuru, bisobanuye ko itari iri mu ijuru!

Imana yazamutse hejuru y'amajuru yose: yaba ijuru rya kabiri cyangwa irya gatatu, Imana yazamutse hejuru ya yose! Bibiliya ivuga ko ijuru ry'amajuru Imana ntiyakwirwamo! Imana nini cyane ku buryo Ijuru itarikwirwamo! Bamwe bashobora kuvuga ko tubona Imana iba mu ijuru. Ariko, Bibiliya ivuga ishimangiye ko Imana iba mu mucyo umuntu adashobora kwegera! Ibyo ubona ni indorerwamo y'Imana mu Ijuru. Amabuye y'agaciro nka Yasipi na Safiro akoze intebe y'Imana yose asohora urumuri (asa n'birahure bibonerana). Imana imurika urumuri ruri ku ntebe yayo, ntabwo ariyo igaragara.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ngendera mu mucyo w'Imana. Sinzatinya, kuko Ijambo ry'Imana ari itabaza ry'ibirenge byanjye n'umucyo mu nzira yanjye. Umwijima nta bubasha umfiteho mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yakobo 1:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 16-18



**Imigani 11:30**
**Imbuto z'umukiranutsi ni igiti cy'ubugingo, Kandi umunyabwenge agarura imitima.**

Gutsinda ubugingo kuri Kristo ni ishoramari ry'agaciro k'iteka ryose Itorero rigomba gusobanukirwa. Icyo Isi ishoboro gukorera ikinyoma kuruta iko itorera ishaka gukorera ukuri. Iyo imyambarire igezweho ishyizwe hanze, abantu bo mu isi barayirukankira nkaho aribyo bigize ubuzima. Abantu bose bazakurikira buhumyi kandi bayoboke ibyo isi y'imyambarire yabashyiriyeho nta gushidikanya cyangwa guhakana kubyambara! Kubera iki? Kuki bigezweho kugaragara gutyo!

Akaga gahari nuko ibi byose byinjiye mu Itorero bucece kandi biri gukomerwa amashyi. Ntabwo turimo kubirebera kure; twabyinjiyemo turanabisakaza. Turi abatandukanyijwe (turera) kandi twahamagariwe kuba abatsinda ubugingo kuri kristo b'umumaro, ariko kugeza igihe twise icyaha icyo aricyo, ntidushobora kuba abatsinda ubugingo kuri Kristo. Kugirango ubashe gutsinda ubugingo kuri Kristo neza, ugomba kubona no kumenya akaga. Intego yawe nk'utsinda ubugingo kuri Kristo ni ugukura umuntu ikuzimu ukamujyana mu ijuru! Sobanukirwa uyu munsi ko waremewe gutsinda ubugingo kuri Kristo!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ngiye aho ngoma kuba ndi, aho nahawe akazi ko gutsinda ubugingo kuri Yesu! Ubu nsobanukiwe inshingano zanjye neza; akazi kanjye k'igihe cyose ni ugutsinda ubugingo kuri Kristo uhereye none n'ibihe byose. Imana ihabwe Icyubahiro.**

**IBINDI BYANDITWE**
Yakobo 5:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 19-21



**Luka 10:19**
**Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.**

Umuntu ashobora kuba mugufi, muto, muremure, cyangwa ikindi kintu cyose ushobora kubona nk'ikigereranyo, ariko ibyo birasa kuri twese. Ariko, imbaraga zo ziruzuye! Nta guhangana cyangwa impaka bibaho iyoyo imbaraga zerekanywe. Muri ibi bihe bya nyuma, dukeneye imbaraga z'Imana zigaragara kugira ngo zihoashe impaka n'ibitekerezo by'abahanga by'ibinyoma. Itorero ry'iki gihe rigomba kuba icyitegererezo cy'imbaraga kugira ngo bose babone ko Yesu ari Umwami.

Ese ukwisubiramo kw'ibibazo byawe bitarangira biba biri kuba kubera kunanirwa gukoresha ubutware bwawe? Ntibishoboka ko umwanzi yafashe icyemezo cyo ku kurwanya nkana kuko utarasobanukiwe uwo uriwe? Umwanya wawe muri Kristo ushimangirwa mu Abefeso 5:30: "Kuko turi ingingo z'umubiri we, n'amagufwa ye". Reka ibi bicengere muri wowe neza. Iyo ugenda, Ni Yesu uba agenda; iyo uvuze amata n'ubuki, Na Yesu aba arimo kubivuga. Ubuzima ubayeho ubu buri muri Kristo. Kristo muri wowe, ibyiringiro by'ubwiza!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite imbaraga zo gutsinda inzitizi zinyitambika. Nta bwoba mfite; ndi igihangange mu isi y'umwuka. Iyo ngenze, Kristo aragenda. Ubuzima bwanjye ni ubuzima bw'indashyikirwa! Amen!**

**IBINDI BYANDITWE**
Mariko 16:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosuwa 22-24



**1 Samweli 9:3**
**Kandi indogobe za Kishi se wa Sawuli, zirazimira. Kishi abwira umuhungu we Sawuli ati "Ubu ngubu jyana umugaragu wacu umwe, mujye gushaka indogobe."**

Muri Isiraheli, indogobe zerekana ubwami butagira iherezo. Niyo mpamvu Yesu yagenze ku ndogobe igihe yinjiraga nk'umutsinzi muri Yerusalemu. Iyo ukomeje gusoma mu nkuru y'icyanditswe cyacu, Sawuli yaje gusigwa amavuta n'umuhanuzi Samweli nk'umwami wa mbere wa Isirayeli. Kubura kw'indogobe byatumye Sawuli yinjira ahazaza he ho kuba umwami wa Isirayeli. Ikibazo cyavutse gitunguranye mu bucuruzi bwawe no mu muryango wawe cyashyiriweho kwagura ubwami bwawe bw'imari.

Ibintu byose biri kugerageza kukurimbura, uko turangiza uku kwezi, turabishyiraho iherezo. Reka ikintu cyose kiri kubura mu buzima bwawe kiboneke nonaha mu izina rya Yesu! Ntagukererwa kuzongera kubaho ku buhamya bwawe bw'amata n'ubuki! Kuguma mu mwanya umwe bikuweho mu buzima bwawe, kandi uyu munsi ni itangiriro rishya. Abanyegiputa uri kubona uyu munsi, ntuzongera kubabona ukundi! Reka umwami uri muri wowe ahagurukire gukora. Ubuhamya bwawe buzashimangirwa, kandi kurabagirana kwawe kukuziye kuzagaragarira bose.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Navukiye kwima ingoma; ntakibazo kizanshyira hasi. Mbaho ubuzima bw'ubutsinzi! Amajya n'amaza yanjye no kwinjira azahabwa umugisha. Ndi utwaye Inkuru Nziza! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Abacamanza 5:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyumunsi: Abacamanza 1-2



**Ibyahishuwe 2:4**
**Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere.**

Iyo ushaka koko kwaka umuriro w'Imana, ugomba kurema inzara. Mu nzara urema kugira ngo umuriro utangire kwaka muri wowe. Iyo hari inzara, utangira kwita cyane kubigendanye n'iby'umwuka Wera avuga. Waba wicaye wenyine mu cyumba, umutwaro w'umwuka ukaza mu buryo bw'amabwiriza ku murimo w'Imana. Ariko, iyo utari kwaka umuriro, ushobora kwirengagiza ibyo Umwuka Wera yakubwiye ukabifata nk'ibintu byoroheje, ukabisubikira kubikora ikindi gihe. Umwuka Wera avugana nawe mu buryo bweruye, ariko udafite inzara, ntabwo wakongeza umuriro w'Imana!

Abagabo n'abagore buzuye inzara bazakoreshwa n'Imana. Batinyuka guhangana kandi bagakomeza kuba abizerwa ku Mana yabo mu gihe cy'amakuba! Bazamera nk'abahungu batatu b'Abaheburayo bavuze bati: 'Nyagasani ntituzaramya icyo gishushano cy'izahabu wakoze, niyo Imana itadukiza ntituzagwa mu mutego w'isi; kandi nubwo ubuzima bwacu buri mu kaga, tudafite n'uruvugiro', maze Imana irabatabara. Reka inzara yawe y'iby'Imana yiyongere, maze ubuzima bwawe buzaba igisobanuro nyakuri cy'amata n'ubuki!


## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite inzara yo kwigisha amahanga. Ntayandi mahitamo mfite uretse gukurikira ubuyobozi bwa Mwuka Wera neza kandi ntakererewe. Ndi ku muriro, Imana Ishimwe! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**
Matayo 24:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**
Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abacamanza 3-5

GoodNews DAILY




SUBSCRIBE TO OUR YOUTUBE CHANNEL

WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GOODNEWSDAILY


THE GOODNEWS WORLD
Halo 2006 · Wild custard apple 1985
Become a
GoodNews
DAILY
PARTNER
PARTNER NOW AND HELP SPREAD
THE GOODNEWS AROUND THE WORLD
VISIT www.goodnewsworld.com/ gndpartner

# ICYANDITSWE CY'UBURINZI

## YESAYA 54:

14 NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CYOSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE UBWOBA –NTABWO BIZANANYEGERA!

15 UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA, NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NANTERA, CYAKIZAVAMO.

16 IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKA INYUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGENEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIMBUZI.

17 ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INTWARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYOMA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH



# ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W'UBUZIMA BWAWE MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI MANA, NJE IWAWE MU IZINA RYA YESU KRISTO. NIZERA N'UMUTIMA WANJYE WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMANA IRIHO. NIZERA KO YAMFIRIYE KANDI IMANA IKAMUZAMURA MU BAPFUYE. NIZERA KO ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATUZA AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE, MFITE UBUZIMA BW'ITEKA RYOSE; NAVUTSE BWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUNGURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI UMWANA W'IMANA. HALLELUYAH!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA W'IMANA.

---

TO RECEIVE MORE INFORMATION ON HOW YOU CAN GROW AS A CHRISTIAN, PLEASE GET IN TOUCH WITH US ON

UK: +44 3333 448 612

USA +1 240 781 6942

RSA +27 51 004 0209

WWW.UEBERTANGEL.ORG | WWW.GOODNEWSWORLD.COM

TheGoodNewsWorld Helplines
USA: +1 (240) 781-6942
UK: +44 333 344 8612
RSA: +27 (51) 004-0209

www.goodnewsworld.com